

## INTANGIRIRO

Mbifurije ikaze mu minsi icumi y’amasengesho 2021! Twizera tudashidikanya ko mu masengesho ariho haturuka ububyutse. Imana yagiye ikora ibitangaza byinshi mu myaka yashize nk’uko twabibonye mu masengesho yo gusenga no kwiwiriza. Umwuka Wera yatumye twihana, atuma twongera kugira ishyaka ryo kuvuga ubutumwa, avugurura amatorero kandi avugurura n’imibanire yacu.

### **Dore ubuhamya buke bwatanzwe mu myaka ishize:**

Mu gihe cy’iminsi icumi y’amasengesho nari naratanze ibyifuzo bibiri:

Icyamba mbere cyari uko umukobwa wanjye yakwakira agakiza akareka kunywa ibiyobyabwenge.

Icyamba kabiri cyari uko umugabo wanjye yakwiyegurira Imana nibura mu mwaka wakurikiragaho. Ndashima Imana kuba umukobwa wanjye yarashoboye guhamya ko hashize amezi umunani aretse ibiyobyabwenge burundu kandi ko azajya aba mu rugo, agakora imirimo igihe cyose. Umugabo wanjye yafashe icyemezo cyo kongera kubatizwa none ubu yafatanije nanjye amasengesho y’iminsi icumi y’uyu mwaka. Mumfashe dushimire Imana Data wakoreye muri Kristo Yesu, umugabo wanjye n’umwana bakakira agakiza.

Nk’itorero, twatangiye gusenga dusaba imvura kuko igihugu cyacu cyari gifite amapfa, ahantu hose humagaye kandi n’abantu bose bari baragize ubwoba, ariko ndashimira Imana ko nyuma y’iminsi itatu, yashubije amasengesho yacu none ubu imvura igwa buri muni.

Bitewe no gusenga, abarwayi barakize. Abagize umuryango bari baratandukanye ubu barasubiranye. Nubwo inshuti twakundaga zapfuye, dufite ibyiringiro. Abantu

benshi bongeye kwiwegurira Imana. Dukorera Imana nzima! Ntidukeneye kubanza kureba mu bubiko bwayo icyo iduteganiye muri uyu mwaka.

Mbese ujya wumva Imana iguhamagarira kugira ububyutse mu mibereho yawe? Ibyanditswe byera byuzuye amasezerano yawe:

“Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindikira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu” (2 Ngoma 7: 14).

“Muzanshaka mumbone nimunshakana umutima wanyu wose” (Yeremiya 29:13).

“Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa” (Yoweli 2:32).

“Mwegere Imana na yo izabegera” (Yakobo 4: 8).

“Dore, mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi nzinjira iwe dusangire” (Ibyahishuwe 3:20).

Aho waba uri hose muri ubu buzima, aka kanya Imana iri kumwe nawe kurenza uko ubitekereza. Arashaka gusesekaza imigisha ku muryango wawe, ku itorero ubarizwamo, mubo muturanye ndetse no mu batuye isi yose.

Muri iyi minsi icumi y'amasengesho tuzarebera hamwe insanganyamatsiko igira iti: “Gushaka ububyutse”

Muri uyu mwaka tukurariye kugira ububyutse ukoreshejwe n' imbaraga za Mwuka Wera muri iyi minsi icumi y'amasengesho. Mu gihe usenga, saba ngo Imana isohoze amasezerano yayo kuri Zerubabeli nk'aho ari wowe asohoreraho: “Si kubw'amaboko kandi si kubw'imbaraga, ahubwo ni kubw'Umwuka wanjye” Ni ko Uwiteka nyir'ingabo avuga.” (Zekariya 4: 6). Mu yandi magambo, “Ibyo uteganya ntibizagerwaho n'imbaraga z'ingabo cyangwa imbaraga z'abantu; ahubwo Umwuka wanjye niwe uzabisohozza .Jye, Uwiteka Imana ishobora byose, ni jye ubisezeranye”.

Imana irashaka gukora ibikomeye mu bugingo bwacu ndetse no mu matorero yacu muri iki gihe. Imigambi Imana idufitiye irenze kure cyane ubushobozi bwacu kandi amasengesho ahoraho gusa niyo atuma dushyikirana n’Imana. Ni nayo atuma dusohoza inshingano y’ibyo Imana yaduteguriye gukora. Uwiteka aravuga ati: “Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya” Yerehiya 33: 3).

Nkurarikiye kwitabira amateraniro yo gusenga usaba Imana ngo ivugurure imibereho yawe no kugirango ngo isohoze isezerano ryayo ryo gusukirwa Umwuka Wera. Mbere na mbere banza ushake ubwami bw’Imana, maze urebe ukuntu igukingurira amadirishya y’ijuru!

Gusengera ibyifuzo byatanzwe mu gihe cy’amasengesho

1. Mu gihe cyo gusenga koresha amasengesho magufi – Koresha interuro imwe cyangwa ebyiri ku ngingo imwe yo gusengera noneho uhe abandi umwanya. Ushobora gusenga inshuro nyinshi nk’uko ubishaka, nk’uko muganira mu kiganiro.
2. Ntutinye igihe wumva mutuje; ni ukugira ngo buri wese agire umwanya wo kumva mu mutima we icyo Mwuka Wera amushakaho.
3. Kuririmba indirimbo hamwe. Iteraniro riyobowe na Mwuka Wera bizana imigisha myinshi. Muri uyu mwanya si ngombwa gucuranga. Ntukeneye piyano kubw’ibyo. Kuririmba mu buryo busanzwe ni byiza.
4. Aho kugira ngo ukoreshe umwanya w’amasengesho uvuga ibyo usabira, bisengere gusa. Noneho abandi bashobora gusengera ibyifuzo byawe kandi usabe gusohozwa kw’amasezerano kubyo ukeneye.

### **Gusaba gusohora kw’amasezerano**

Ni amahirwe kuri twe gusaba ngo Imana isohoze amasezerano yadusezeraniye mu masengesho yacu. Amategeko y’Imana n’inama iduha nabyo ni amasezerano.

Ntabwo Imana idusaba gukora ibyo tudashoboye bisaba imbaraga zayo. Biroroshye cyane ko twakwibanda kubyo dukeneye cyane kubirutisha ingorane duhura nazo – tukabirutisha gutaka no kwirubira ibihe bikomeye turimo mu gihe dusenga. Ntabwo iyo ariyo ntego yo gusenga. Gusenga ni igihe cyo gukomera mu kwizera kwacu. Niyo mpamvu usabwa gusaba Imana ngo isohoze amasezerano yayo mu gihe cyo gusenga. Kura amaso yawe kuri wowe no ku ntege nke zawe uhange amaso y’umutima wawe kuri Yesu. Mu kumukomeza, Saba Imana iguhindure ugire ishusho ya Kristo.

Ellen White adukomeza aduha inama igira iti: “Isezerano iryo ariryo ryose riri mu ijambo ryayo ni iryacu. Mu masengesho yawe, garagaza isezerano rigaragara mu Ijambo ry’Imana kandi kubwo kwizera usabe gusohora kw’amasezerano yayo. Ijambo ryayo ni igihamba cy’uko nusaba ufite kwizera uzahabwa imigisha yose y’iby’Umwuka. Komeza usabe uzahabwa ibirenze kure cyane mu buryo busaze ibirenze ibyo usaba cyangwa ibyo utekereza.”(*In Heavenly Places*, p. 71).

Ni buryo ki ushobora gusaba amasezerano Y’Imana? Nyamara, mu gihe usenga usaba amahoro, ushobora gusaba isezerano ryo muri Yohana 14:27 rivuga ngo: “Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye icyakora simbaha nk’uko ab’isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitye.” Mpa amahoro wadusezeraniye igihe wari ugiye kujya mu ijuru. Shimira Imana ko iguhaye amahoro n’ubwo waba utarabyiyumvamo aka kanya.

### **Kwiyiriza ubusa**

Turagushishikariza gukora nk’uko Daniyeli yagenzaga mu kwiyiriza ubusa mu gihe cy’iminsi icumi. Gutangira umwaka dusenga kandi twiyiriza ubusa, ni igihe cyiza cyo kwegurira Imana imibereho yacu mu mwaka mushyashya. Ellen White aratubwira ati: "Kuva ubu ukageza ku iherezo ry’igihe, abantu b’Imana bakwiriye

kurushaho kugira umwete, bakarushaho kuba maso, bakwiriye kwirinda kwiringira ubwenge bwabo bwite, ahubwo bakiringira ubwenge bw'Umuyobozi wabo. Bakwiriye kugira iminsi yihariye yo kwiyiriza ubusa no gusenga. Ntibasabwa kureka burundu kurya, ahubwo bakwiriye gukoresha mu rugero ibyo kurya byoroheje cyane kurusha ibindi kandi biboneye. (Inama ku mirire n'ibyo kurya, P.195).

Tuzi ibya Daniel wariye imbuto n'imboga mu gihe cy'iminsi icumi. Natwe turakuririkira kuzafata igaburo ryoroheje muri iki gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho. Niba dushaka ubwenge busobanutse bwo kumva neza icyo Imana idushakaho kandi niba dushaka kwegerana n'Imana biruseho, dukeneye kumenya neza ko imirire yacu itatubangamira.

Kwiyiriza ubusa ntabwo ari ukwirinda ibyo kurya gusa. Urararikirwa kandi kwiyiriza ubusa utareba TV, firime, imikino yo muri mudasobwa ndetse n'imbuga nkoranya mbaga. Rimwe na rimwe, ibintu bitari bibi byo ubwabyo bishobora kudutwara umwanya munini w'igihe cyacu. Shyira ku ruhande ibintu byose bishoboka bijya bigutwara igihe kugira ngo ubone igihe gihagije cyo gusabana n'Imana.

Kwiyiriza ubusa ntabwo ari uburyo bwihuse bwo kubona igitangaza kiva ku Mana. Kwiyiriza ubusa muri rusange ni uguca bugufi kugira ngo Imana ibone uko ikorera muri twe. Reka turushaho kwegera Imana binyuze mu masengesho yo kwiyiriza ubusa no gusenga-Imana nayo izatwegera.

## **Umwuka Wera**

Izere neza ko usaba Mwuka Wera kugira ngo akwereke icyo ugomba gusengera mu buzima bw'umuntu cyangwa mu gihe runaka. Bibiliya itubwira ko tutazi uburyo bwo gusenga kandi ko Umwuka Wera ari we udusabira.

“Ntitugomba gupfa gusaba mu izina rya Yesu gusa, ahubwo tugomba gusaba twuzuye Mwuka Muziranenge, kuko Umwuka ubwe “ari we udusabira, aniha iminiho itavugwa.” (Abaroma 8:26). Iyo dusenze mu izina rya Kristo dushishikaye kandi twizeye, hakurikiraho gusohozwa kwa ya ndahiro y’Imana yo kuduha ibyo dukeneye.’’Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n’ibyo twibwira byose nk’uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo.”(Abefeso 3:20) ” (Imigani ya Kristo P.68).

### **Kwizera**

Dusoma mu mwuka w'ubuhanuzi ko "Gusenga no kwizera bibasha gukora ibitabasha gukorwa n'imbaraga iyo ariyo yose yo ku isi" (Rengera ubuzima P.110). Tubwirwa ko "Kandi dusaba guhabwa impano iyo ariyo yose Imana yasezeranye. Tumaze gusaba ibyo, tugomba kwizera ko tubihawe, bityo tugashimira Imana ko twabihawe” (Uburezi, p. 269). Gira akamenyero ko kujya ushimira Imana hakiri kare igihe ufite kwizera kw'ibyo Imana igiye kugukorera n'uburyo igiye gusubiza amasengesho yawe.

### **Gusabira abandi**

Muri iyi minsi icumi y'amasengesho turakurarikira gusabira ubudasiba abantu Imana yemeye ko mumenyana mu buzima bwawe. Hitamo abantu batanu kugeza kuri barindwi. Bashobora kuba abo mufitanye amasano, inshuti, abo mukorana, abaturanyi cyangwa abo muziranye gusa. Fata umwanya ubaze Imana uwo ishaka ko usengera. Saba Imana kandi iguhe umurimo wo kwita kuri aba bantu. Andika amazina yabo ku rupapuro hanyuma urushyire ahantu hagaragara, nko muri Bibiliya yawe. Uzatangazwa n'uburyo Imana ikora mu gusubiza amasengesho yawe!

## **Ingorane duhura nazo mu minsi icumi y'amasengesho**

Yesu ntaduhamagarira gusenga gusa ahubwo anadusaba gukorera ibikorwa by'ubugiraneza abadukikije.”Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo kunywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba”Matayo 25:35, 36).

Mu gitabo cya Rengera ubuzima dusomamo ko, “Tugomba kubaho ubuzima bugizwe n'uburyo bubiri – Dukwiriye kugira imibereho yo kwimenyereza imirimo no gukunda gusenga” (urup. 111). Twakiriye urukundo rutarondoreka umukiza wacu yadukunze, tukaba rero dufite amahirwe yo kugeza urwo rukundo ku nshuti zacu, abaturanyi ndetse n'abantu tutamenyeranye bafite ibyo bakeneye.

Saba Imana ngo ikumenyeshe wowe n'itorero ubarizwamo uburyo wakoresha bwo gufasha abandi nyuma y'iminsi icumi y'amasengesho. Mu gihe ukora kugira ngo utegure gahunda y'imirimo, irinde kugira ngo iyo gahunda itakurangaza ibakubuza gusenga. “Imbaraga z'umuntu ku giti cye mu gufasha abandi zigomba kubanzirizwa n'ibanga ryo gusenga. Kuko bisaba ubwenge bukomeye bwo gusobanukirwa n'ubumenyi bwo gukiza ubugingo. Mbere yo kuvugana n'abantu, banza usabane na Kristo. Ku ntebe y'ubuntu bwo mu ijuru urahakomora imyiteguro myiza yo gukora umurimo wo gufasha abantu”. (*Prayer*, p. 313).

## **AMASEZERANO TWISHYUZA MU MASENGESHO**

### **Amasezerano yerekeranye no guhabwa Umwuka Wera**

1. “Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, nawe azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe.”Zekariya. 10: 1

2. “None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye”.Luka 11:13
3. “Ariko Umufasha ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye niwe uzabigisha byose,abibutse ibyo nababwiye byose.Kandi ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha n’ibyo gukiranuka n’iby’amateka” Yohana 14:26; 16: 8
4. “Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora ndetse azakora n’iyiruta, kuko njya kwa Data. Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirirzwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Nzagikora. ” Yohana 14: 12-14
5. Aransubiza ati: “Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati: Si kubw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni ku bw’Umwuka wanjye.”Niko Uwiteka Nyiringabo avuga. Zekariya. 4: 6

### **Amasezerano yerekeranye n’isubizwa ry’ amasengesho**

1. “Nimuguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe,musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.Yohana 15: 7
2. “Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” Abaheburayo. 4:16
3. “Ni cyo gitumye mbabwira nti “Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe,kandi muzabibona” Mariko 11:24
4. “Unyambaze ku munsu w’amakuba no kuw’ibyago, nzagukiza nawe uzanshimisha. Zaburi 50:15
5. “Ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru.” Matayo. 18:19
6. “Kandi ibyo muzasaba mwizeye muzabihabwa byose.” Mat. 21:22



7. “Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Yohana 14:13, 14
8. “Uwo munsu ntacyo muzambaza. Ni ukuri ni ukuri ndababwira icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha. Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa ngo umunezero wanyu ube wuzuye ” Yohana 16:23, 24
9. “Iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva icyo dusabye ikintu nk’uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n’uko duhawe ibyo tumusabye.”” 1Yohana 5:14, 15

### **Amasezerano yerekeranye n’imbaraga z’Imana**

1. “Hari ikinanira Uwiteka se? Mu gihe cyashyizweho, iki gihe cy’umwaka nikigaruka nzakugarukaho, Sara abyare umuhungu.” Itangiriro 18:14
2. “Uwiteka ari bubarwanire, namwe mwicecekere.” Kuva. 14:14
3. “Yesu arabitegereza arababwira ati: Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana ko si ko biri; kuko byose bishobokera Imana.” Mariko 10:27
4. “Tbahamagara ni icyo kwizerwa, no kubikora izabikora” 1 abatesalonike. 5:24
5. “Nzi yuko ushobora byose, kandi nta kibasha kurogoya imigambi yawe yose.” Yobu 42: 2
6. “None ubwo bimeze bityo tuvuye iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde? Mbese ubwo itimanye umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose?” Abaroma 8:31, 32
7. “Imana si umuntu ngo ibeshye, kandi si umwana w’umuntu ngo yicuze. Ibyo yavuze, no gukora ntizabikora? Ibyavuye mu kanwa kayo no gusohoza ntizabisohoza? Kubara. 23:19

8. “Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Imana umuremyi w'impera z'isi ntirambirwa ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Niyo iha intege abarambiwe kandi utibashije imwongeramo imbaraga. Abasore b'imigenda bazacogora baruhe, n'abasore bazagwa rwose. Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk'ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.” Yesaya 40: 28-31

### **Amasezerano yerekeranye no kurindwa n'Imana**

1. “Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.”  
Yosuwa 1: 9
2. “Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye.” Itangiriro 28:15
3. “Dore ndatuma Malayika imbere yawe akurindire mu nzira akujyane aho nakwiteguriye” Kuva. 23:20
4. “Ariko niba uzashakirayo Uwiteka Imana yawe, uzayibona nuyishakisha umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose.” Gutegeka kwa kabiri: 4:29
5. “Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.” Yeremiya. 33: 3
6. “Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringanizwa, n'ahagoranye hazagororwa n'inzira zidaharuwe zizaharurwa. Maze icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe, kuko akanwa k'Uwiteka ariko kabivuze.. ” Yesaya: 40: 4, 5
7. “Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho” Zaburi: 32: 8

8. “Uwiteka ubwe azakuja imbere, azabana nawe ntazagusiga, ntazaguhana. Ntutinye, ntukuke umutima.” Gutegeka kwa Kabiri 31: 8
9. “Ni nde wubaha Uwiteka? Azamwigisha inzira akwiriye guhitamo.” Zaburi : 25:12
10. “Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo.” Imigani. 3: 5, 6
11. “Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati “ndi hano” “Niwikuramo agahato no kuvuga nabi, Ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y’ihangu. Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by’amapfa, azakomeza amagufwa yawe. Uzamera nk’urutoki rwuhirwa, kandi uzaba nk’isoko y’amazi idakama” Yesaya: 58:10, 11
12. “Maze ubwo bazaba batarantabaza nzabatabara, kandi bakivuga nzumva” Yesaya: 65:24

### **Amasezerano yerekeranye n’abantu bafite umutima wahindutse**

1. “Nzabaha umutima wo kumenya yuko ari jye Uwiteka, bazaba ubwoko bwanjye nanjye nzaba Imana yabo, kuko bazangarukira n’umutima wabo wose” Yeremiya 24: 7
2. “Kandi ibyo mu mutima wawe no mu rubyaro rwawe bituma iba nk’imibiri itakebwe, Uwiteka Imana yawe izabikuriramo kugira ngo ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose, ubone uko ubaho.” Gutegeka kwa kabiri: 30: 6

3. “Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye.” Ezekiyeli: 36:26
4. “Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsu wa Yesu Kristo.” Abafilipi :1: 6
5. “Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya ibya kera biba bishize .Dore byose biba bihindutse bishya.” 2 Abikorinto 5:17
6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagaratiya 2:20
7. “Imana y’amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n’Umwuka wanyu, n’ubugingo n’umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo umwami wacu Yesu Kristo azaza.”Ibahamagara niyo kwizerwa no kubikora izabikora.” 1 abatesaloniki 5:23, 24

### **Amasezerano yerekeranye no kubabarira**

1. "Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.” 2 Ngoma 7:14
2. “Kuko wowe Mwami uri mwiza, witeguye kubabarira, kandi wuzuye imbabazi ku bakwambaza bose.” Zaburi 86: 5
3. “Kandi nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo na So wo mu ijuru nawe ababarire ibyaha byanyu.” Mariko 11:25
4. “Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk’uko Imana yabababariye muri Kristo.” Abefeso 4:32

5. “Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1Yohana 1: 9
6. Nimuze tujye inama niko Uwiteka avuga” Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera”Yesaya 1:18
7. “Ubwanjye ni njye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi.” Yesaya 43:25
8. “Kuko ntazababarira gukiranirwa kwabo kandi icyaha cyabo sinzakibuka ukundi”Yeremiya 31:34
9. "Ni we waduhesheje gucungurwa kubw’amaraso ye, ariko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri”. Abefeso 1: 7

#### **Amasezerano yerekeranye no gutsinda icyaha**

1. “Kuko icyabyawe n’Imana cyose kinesha iby’isi, kandi uku niko kunesha kwanesheje iby’isi, ni ukwizera kwacu.” 1Yohana 5: 4
2. “Ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n’uwadukunze.” Abaroma. 8:37
3. “Ariko Imana ishimwe, iduha kunesha kubw’Umwami wacu Yesu Kristo.” 1 Abikorinto 15:57
4. “Ntutinye kuko ndikumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe, nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ariko gukiranuka kwanjye.” Yesaya 41:10
5. “Kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk’ingabo, ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.”Abefeso 6:16

6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagalatiya 2:20
7. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira” Abafilipi 2:13
8. “Ndavuga nti: “ Muyoborwe n’Umwuka” kuko aribwo mutazakora ibyo kamere irarikira” Abagaratiya 5:16
9. “Imana nyir'amahoro izamenagurira Satani munsu y’ibirenge byanyu bidatinze. Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bubane nawe. Amen. ” Rom. 16:20
10. “Kandi ntimwishushanye n’ab’iki gihe ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka ,ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose ”Abaroma 12: 2
11. “Ntimugakunde iby’isi cyangwa ibiri mu isi .Umuntu nakunda iby’isi gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we.” 1Yohana 2:15

### **Amasezerano yerekeranye no gukiza indwara**

1. “Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza muzo nateje abanyegiputa, kuko arijye Uwiteka ugukiza indwara.” Kuva. 15:26
2. “Tbihindizo byawe bizaba ibyuma n’imiringa, kandi uko iminsi yawe ingana, niko intege zawe zizangana.” Gutegeka kwa kabiri 33:25
3. “Mutima wanjye himbaza Uwiteka, ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose.Niwe ubabarira ibyo wakiraniwe byose, Agakiza indwara zawe zose, Agacungura ubugingo bwawe ngo butajya muri rwa rwobo, akakwambika imbabazi no kugirirwa neza nk’ikamba, agahaza ubusaza bwawe ibyiza, agatuma usubira mu busore bushya, bumeze nk’ubw’ikizu.” Zaburi 103: 2-5

4. “Ntiwishime ubwenge bwawe, Ujye wubaha Uwiteka kandi uve mu byaha. Bizatera umubiri wawe kuba mutaraga, Ukagira imisokoro mu magufwa yawe.” Imigani 3: 7, 8
5. “Yarasuzugurwaga akangwa n’abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso natwe ntitungwubahe. Ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha.” Yesaya 53: 3-5
6. “Nkiza Uwiteka nzabona gukira, undokore nzarokoka, kuko ari wowe shimwe ryanjye.” Yereimiya 17:14
7. “Nzakugarurira amagara yawe, kandi nzagukiza inguma zawe, niko Uwiteka avuga.”Yereimiya 30:17
8. “Ariko rero nzabazanira kumera neza n’agakiza kandi mbakize, ndetse nzabahishurira amahoro n’ukuri bisesekeye.” Yereimiya 33: 6
9. “Ariko mwebweho abubaha izina ryanjye, izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka mukinagire nk’inyana zo mu kiraro.”Malaki 4: 2
10. “Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b’itorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina ry’Umwami. Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba abibabariwe.”Yakobo 5:14, 15

## **Amasezerano yerekeranye no guhabwa imbaraga zikubashisha gukora ibijyanye n'ubushake bw'Imana**

1. “Nicyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w’inyuma asaza, umuntu wacu w’imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw’igihwayihwayi kw’akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw’iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ni iby’igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby’iteka ryose” 2 abikorinto 4: 16-18
2. “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari” Abagaratiya 6: 9
3. “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga” Abafilipi 4:13
4. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.” Abafilipi 2:13
5. "Ariko arampakanira ati:" Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzura." 2 abikorinto 12: 9

## **Amasezerano Yerekeranye no kuba Abahamya b'Imana**

1. “Mwe kugira ubwoba ngo mutinye. Kera sinabikubwiye nkabigaragaza? Namwe muri abagabo bo kumpama. Hariho indi Mana ibaho itari jye? Ni koko nta kindi gitare, ubwange sinkizi.” Yesaya 44: 8
2. “Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw’Uwiteka bukaba bukurasiye ” Yesaya 60: 1
3. “Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n’abandi” 2 Abikorinto 5:18
4. “Ariko Uwiteka arambwira ati: Wivuga uti:” Ndi Umwana “,kuko abo nzagutumaho bose uzabasanga kandi icyo nzagutegeka cyose nicyo uzavuga” Yeremiya 1: 7



5. “Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamyi i Yerusalemu, n’i Yudaya yose n’i Samariya, no kugeza ku mpera y’isi.”Ibyakozwe n’intumwa 1: 8
6. "Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b’ubwami, ishyanga ryera n’abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry’iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w’itangaza.” 1 Petero 2: 9
7. “Ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu ko ariwe Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu y’ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza,mwubaha”1 Petero 3:15

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 1 - YESU, IMPANO NZIZA IHEBUJE**

“None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka wera abamumusabye?” (Luka 11:13).

#### **Ntacyo mfite**

Abigishwa baramutakambira bati: “Databuja, twigishe gusenga!” Babonye uburyo Yesu yahoranaga buri munsi na Se wo mu ijuru kandi bifuzaga kugira imbaraga nk’ize mu buzima bwabo.

Yesu yasubirishaga isomo ry’amasengesho ritazibagirana mubice bitatu: Isengesho ry’Umwami, umugani w’inshuti yaje mu gicuku, kandi – mu gihe cya nyuma - dukeneye guhora dusaba Umwuka Wera (Luka 11: 1-13).

Mu mugani (umurongo wa 5-8), Umugabo ntacyo afite cyo kugaburira umushyitsi uhageze nimugoroba. Umugabo yihutira kujya ku muturanyi we asaba umutsima wo kugaburira umushyitsi, asobanura ati: “Ntacyo mfite.” Yakomeje gutitiriza asaba.Ku

iherezo yakiriye umutsima wo gusangira n'umushyitsi we. Muri iyi nkuru tubona ko tugomba kuza kuri Yesu kugira ngo tubashe kunguka icyo dusangira n'abandi. Iyo dushaka gutanga umutsima w'ubugingo, akenshi tumenya ko ntacyo dufite!

Noneho Yesu ahuza ikibazo kiri muri uyu mugani (ntacyo mfite) n'icyo dukeneye cyo gusaba Umwuka Wera: " Nanjye ndababwira nti" Musabe muzahabwa" (Luka 11: 9).

### **Yesu arakururika: Komeza usabe**

Hano muri Luka 11, Yesu ashimangira inshuro 10 ko tugomba gusaba Umwuka Wera mu buzima bwacu. Nzi ko nta kindi gice nk'iki mu rukundo adukunda adusaba kuzirikana cyane mu mutima.

“Nanjye ndababwira nti:”Musabe muzahabwa, mushake muzabona mukomange ku rugi muzakingurirwa, kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa. Mbese ni nde muri mwe ufite Umwana, yamusaba umutsima akamuha ibuye? Cyangwa ifi akamuha inzoka? Cyangwa yamusaba igi akamuha Sikorupiyo? None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka wera abamumusabye? ” (Luka 11: 9-13).

Muri iyi mirongo mike, Yesu akoresha inshinga “Gusaba” inshuro esheshatu kandi ashimangira igitekerezo cyo “gushaka” inshuro ebyiri no “gukomanga” inshuro ebyiri. Izi ni inshinga z'igikorwa. Arerekana neza ko tugomba gukora kugira ngo twuzurwe n'Umwuka Wera. Ikoreshwa rya nyuma ry'ijambo “Gusaba” riri mu kigereki rikoreshwa mu nteruro ikomeza, bivuze ko tutagomba gusaba rimwe gusa ahubwo tugomba gukomeza gusaba - ubudahwema. Mu buryo bugaragara, Yesu arashaka gukangurira ibyifuzo byacu kwakira Mwuka wera afite ubutumire buvuye ku mutima. Azi neza ko tubuze ikintu cy'ingenzi niba tudahora dusaba imigisha ikungahaye ya Mwuka Wera.

Iyo dusomye mu gitabo “Abahirwa ni bande? Dusomamo ko, "Imana ntivuga ngo, saba inshuro imwe, uzahabwa. Aradusaba gusaba. Kudatezuka gushikama mu masengesho. Gusaba ubudasiba bizana uwasabye mu myifatire irushijeho gukomera, kandi bikamwongerera ubushake bwo kwakira ibintu asaba” (urup. 145).

Kandi fata umwanya muto wibaze, ni kuki Yesu ubwe yamaraga igihe kinini mu masengesho ya buri muni? Ellen White abisobanura neza agira ati: “Buri gitondo yavuganaga na Se wo mu ijuru, maze akamuha buri muni umubatizo mushya w’Umwuka wera” (*Signs of the Times*,”ibimenyetso by’ibihe” Nov. 21, 1895)

Mu by’ukuri, Yesu yatubereye urugero rwiza muri ibi. Ibaze wowe ubwawe: Niba Yesu yari akeneye guhumurizwa buri muni na Mwuka Wera, ubwo kuri jye byaba ari ingenzi bingana iki?

### **Ubuhamya n’imbogamizi by’umwizera w’itorero**

“Mu myaka ibiri ishize nasengaga buri muni nsaba gusukirwa Umwuka Wera mu buzima bwanjye. Kugendana kwanjye n’Imana byari ibintu bitumvikana neza. Imbutu z’Umwuka wera nk’uko tuzibona mu Bagalatiya 5 narushijeho kuzibona neza cyane mu buzima bwanjye kuva aho nsabiye Yesu gutura muri jye, agasohoreza ubushake bwe muri jye kandi buri muni Umwuka wera akajya avugurura imibereho yanjye. Mfite umunezero mwinshi cyane mu gusoma Bibiliya no kugeza ku bandi ubutumwa bwiza bwa Kristo. Mfite icyifuzo gikomeye cyo gusengera abandi. Ikindi, imibereho yanjye yarahindutse cyane. . . . Ndagusaba kujya usenga buri muni kugira ngo wuzurwe n’Umwuka Wera. Fata nibura ibyumweru bitandatu hanyuma uzarebe uko bizamera”

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Ni Kuki dusenga ntitubone ibisubizo?**

Yesu yaravuze ati: "...Ntimuhabwa kuko mudasaba, murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi" Yakobo 4: 2, 3).

Data wa twese uri mu ijuru, tubabarire kuba twarirengagije gusaba Umwuka Wera ubutitsa. Urakoze ko ubwo twatuye ibyaha byacu, ukiranukira kutubabarira.

### **Icyo dusaba kigaragaza neza uko duha agaciro ibyo Imana itanga.**

"None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka wera abamumusabye?" (Luka 11:13).

Data wa twese uri mu ijuru, urakoze cyane kuba wasezeranye kuduha Umwuka Wera. Turagusabye ubu ngo udusukire imbaraga y' Umwuka Wera kandi tugushimiye ibisubizo uduhaye, Twigishe gukomera kuri iri sezerano.

### **Imana ishaka kuduha ubuzima burambye**

"Unyizera, nk'uko Ibyanditswe bivuga, imigezi y'amazi y'ubugingo izatamba iva mu nda ye, ibyo yabivuze yerekeje ku mwuka wera, uwo abamwizera bendaga guhabwa." (Yohana 7:38, 39).

Uwiteka turagushimira ko waduhaye imigezi y'amazi y'ubugingo ku ba kwizera. Mana dufashe guhora dufite imibereho yomatanye na Kristo kugira ngo ubashe gusohoza aya masezerano mu bugingo bwacu.

### **Ibindi Byifuzo byo gusengera:**

**Gushima no Guhimbaza:** Gushimira Imana imigisha igaragara no kuyihimbaza ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura ibyaha wiherereye kandi ushimire Imana imbabazi zayo.

**Kuyoborwa:** Saba Imana iguhe ubwenge bwo gukemura ingorane uhura nazo, igufashe no gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihire imbaraga z’itorero ryanyu, intara n’itorero ryo ku isi yose.

**Ibyifuzo byanyu byo gusengera:** Gusaba Imana ibyo abizera b’itorero, umuryango n'abaturanyi bakeneye.

**Kumva no gusubiza:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igushakaho kandi usubirishe kuyihimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indilimbo zo kwifashisha mu gusenga**

1. Mwuka wera (# 331).
2. Mwami, Mana yanjye (# 170).
3. Uwiteka niwe mwungeri wanjye (# 168).
4. Gihe cyiza cyo gusenga (#89).
5. Mwuka wera muyobozi (#53)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 2 - GUFATA IMPANO UKOMEJE**

“Muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n’abera bose ubugari n’uburebure bw’umurambararo, n’uburebure bw’igihagararo, n’uburebure bw’ikijyepfo bwarwo ubwo aribwo, mumenye n’urukundo rwa Kristo” (Abefeso 3:18, 19).

## **Kwakira, Kwiyegurira, Gukura**

Ni buryo ki dushobora kugira mu buryo bwuzuye urukundo rw'Imana? Soma ibyo intumwa Pawulo ivuga mu Befeso 3: 14-21.

1. icya mbere, dukeneye kwakira impano y'umwuka wera. "Ndabasabira ngo abahe nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu ku bw'Umwuka we." (Umurongo wa 16).

2. Ikindi, twegurire Kristo ubuzima bwacu bwose kandi tubane nawe, dukomeza kugirana umushyikirano uhoraho nawe "Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera," (umurongo wa 17).

3. Noneho kwizera kwacu gukure kandi gukomerere muri Kristo n'Umwuka Wera uri muri twe. "Kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamyeye" (Umurongo wa 17).

Umusaruro? Tuzarangwa n'urukundo rushyitse rukomoka ku Mana iduha imbaraga. "Muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo n'uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo aribwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo " (umurongo wa 18).

## **Urukundo rw'Imana rutsinda ikizamini cyose**

Zirikana wa mugani w'Umwana w'ikirara muri Luka 15: 11-32. Umunsi umwe, umuhungu muto yagiye kwa se (ushushanya Imana) amubwira ko ashaka kuva mu rugo akagenda akibeshaho. Biragaragara ko amategeko ya Se mu rugo (amategeko y'Imana) atari amunogeye. Umuhungu yasabye se umurage we, nta n'ubwo yari awufiteho uburenganzira muri icyo gihe. Nuko se amuha umugabane we. Se yamuhaye umudendezo wuzuye kuko yamukundaga maze yubahiriza amahitamo ye (nk'uko Imana ibidukorerera).

Hanyuma umuhungu yagiye ahantu kure maze atangira kwaya amafaranga ye hirya no hino mu gasozi ndetse no mu bagore. Amafaranga yaragabanutse maze inshuti yarafite nazo ziba nke kandi ku iherezo nta kintu yari asigaranye. Ibintu byaje kuba bibi, inzara yibasiye akarere yari atuyemo. Kubera ko yifuzaga cyane kubaho, yatangiye gushakisha akazi, ariko umwanya umwe gusa w'akazi yabashije kubona wari uwo kuragira ingurube. Inzara yaramuriye ariko ntiyari yemerewe no kurya ku biryo by'ingurube.

Nk'uko bikunze kubaho mu bihe bikomeye, yatangiye gutekereza ku buzima bwe. Aza kubona ko abakozi ba se bose bafite ibyo kurya bihagije mu gihe we yari ashonje, nuko afata icyemezo cyo gusubira kwa se akamubwira ati: "Data, nacumuye ku yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa Umwana wawe mpaka mbe nk'umugaragu wawe."(Umurongo wa 18, 19).

Umuhungu akigera mu rugo, muri we yari afite ibyiyumviro bitandukanye, ariko Se yari yamukubise amaso yuzuye impuhwe nyinshi. Se yirukanka amusanga, amuhobera amufashe mu ijosi, aramusoma, nubwo umuhungu we ashobora kuba yari afite umwanda mwinshi kandi anuka. Mbere yuko umuhungu we arangiza kwatura ibyaha yamukoreye byose, Se yahamagaye abagaragu be abasaba kuzana imyenda myiza cyane no gutegura umunsi mukuru. Mu biragaragara yakundaga umuhungu we nka mbere. Muri iyi nkuru turushaho kumvamo inkuru nziza y'agakiza - kwihana no kwatura k'umunyabyaha, Data ategereza igihe kirekire kutwakirana umunezero igihe tugarutse. Imana idukunda nta kigombero! Ariko dukeneye kuyisanga nk'uko umuhungu yasubiye kwa se. Urukundo rw'Imana rutsinda ibizamini byose! Ntabwo Imana izabura kukwakira.

Gusa umuhungu agarutse Se yashoboraga kumusesekazaho urukundo rwe rwose. Ibyo gusa byatumye umuhungu we yitegura kwakira ibyo se yari agiye kumuha byose. Ku iherezo nta kintu nta kimwe cyari kubangamira umushyikirano wabo,

kandi umuhungu yabashije kubona neza ubugiraneza bwa Se, utarigeze ahwema kumutegereza.

Tugarutse ku kibazo-Ni buryo ki dushobora kugira mu buryo bwuzuye urukundo rw'Imana? Kubaho byuzuye, kwiye gurira Kristo buri muni tubifashwamo n'Umwuka Wera. Kandi iyo urukundo rw'Imana rusaze mu buzima bwacu, duhinduka umuyoboro w'urukundo rwayo ku bandi.Uko dutanga byinshi, niko twakira byinshi. Ellen White agira ati: “Ukeneye umubatizo wa buri muni w'urukundo nk'uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa byatumye bese bahuriza hamwe” (*Testimonies for the Church*, vol. 8, p. 191).

Kandi ni ukubera iki ari ngombwa gusobanukirwa uru rukundo mvajuru? “Pawulo yabonye ko imico ya Kristo igomba kumvikana mbere yuko abantu bamukunda cyangwa bareba ku musaraba bafite kwizera. Aha hagombaga gutangira inyigo yerekeranye n'ubushakashatsi bwa siyanse n'indirimo y'abacunguwe ubuziraherezo” (Ibyakozwe n'Intumwa, p. 273). Mbega umunezero wo kwiga urukundo rutagereranywa kandi rwinshi rw'umukiza wacu! Mbese ntiwahitamo guhanga amaso uyu muni kuri Yesu?

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Ni irihe tegeko rikomeye ry'imbere?**

“Yesu aramubwira ati: “Ukundishe Uwitaka Imana yawe Umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose. Kandi irya kabiri rihwanye naryo ngiri:”Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda” (Matayo 22:37, 39).

Data, Urakoze kuba warankunze. Mfasha ngo ngukundishe umutima wanjye wose, ubugingo bwanjye bwose, amarangamutima yanjye yose, n'imbaraga zanjye zose. Urakoze kuba wamaze gusubiza iki cyifuzo ukurikije ubushake bwawe.Kubwo



gufashwa nawe ndashaka gukunda umuturanyi wanjye. Ungire umuyoboro w'urukundo rwawe.

### **Ni buryo ki dushobora gusobanukirwa urukundo rw'Imana?**

“Ndasenga ngo abahe nk’uko ubutunzi bw’ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu ku bw’Umwuka we, kandi ngo kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamyeye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n’abera bose ubugari n’uburebure bw’umurambararo n’uburebure bw’igihagararo, n’uburebure bw’ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo mumenye n’urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugera ku kuzura kw’Imana”(Abefeso 3: 16-19).

Data, ndagusaba ngo ukomeze umutima wanjye ukoresheje imbaraga ya Mwuka wera kandi ngo Kristo ature mu mutima wanjye binyuze mu kwizera no kunyobora kugira ngo nshobore gushinga imizi mu rukundo rwawe. Igihe cyose iki cyifuzo kigendanye n’ubushake bwawe, ndagushimiye ko unyumvise kandi ukansubiza.

### **Ibindi byifuzo by’amasengesho**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n’ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango, n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirisha ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zizifashishwa mu masengesho**

1. Mbese urashaka kunesha ibyaha. (#196)
2. Ni wowe nizeye (#36)
3. Ndagukunda, Mwami (165)
4. Imana ihimbarizwe ibyo yakoze (# 199)
5. Urukundo rw'Imana yacu (#307)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 3 – KWITANGA BURUNDU NIBYO SHINGIRO**

“Mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n’Imana, ariko kuyikorera kwanyu gukwiye.” (Abaroma 12: 1).

#### **Urugendo rwanjye**

Nari umucuruzi, mfite imyaka 36, mu gihe inshuti yanjye yakoraga umurimo w’ubugabura yapfaga mu buryo butunguranye afite imyaka 41. Ibi byatumye mu ntekerezo zanjye ngira ikibazo nibaza: Byangendekera bite Imana iramutse impamagaye ngo nkore umurimo w’ubugabura? Sinkunda uyu murimo na busa. Nafashe icyumweru cyose ndi ku rugamba kandi ndi kubisaba Imana – mu gitondo, saa sita, nijoro. Nasobanuriraga Imana uburyo nshobora kuyikorera mu bundi buryo. Ikigaragara ni uko Imana itigeze yumva ibyifuzo byanjye, kandi ubwo napfukamaga

imbere y'igitanda cyanjye nta zindi mpaka, igitekerezo gituje cyinjiye mu bwenge bwanjye kivuga ngo: Imana iragukunda! Ndatekereza nti, Yego, ndabyizera.

Nyuma y'iminota mike, kwizera urukundo rw'Imana byatumye nyiyegurira rwose maze bituma ngira amahoro. Kandi nyuma y'umwaka umwe n'igice, Uwiteka yampamagariye gukora umurimo w'ubugabura. Nyuma y'imyaka runaka, nashimye Imana cyane. Rwari Urukundo n'ubwenge bwayo bitarondoreka. Byanyeretse ko inzira zayo zitandukanye rwose nibyo natekerezaga. Ubu ndabona ko kwiyegurira Imana byatumye insesekazaho imigisha myinshi mu buzima bwanjye. Imana rero yanyoboye mu nzira nziza zishoboka.

### **Kuki tugomba kwiyegurira Imana?**

Nk'uko Garrie F. Williams (Soma: Geri F. Wiliyamuzi) yanditse, "Kwiyegurira Imana byuzuye ni ishingiro ry'agakiza, kuvuka ubwa kabiri, gutsinda icyaha n'ikigeragezo no kuzura Umwuka Wera" (Ni buryo ki wakuzura Umwuka Wera kandi ukabimenya). Nturi bwibande kuri ubu butumwa mu buryo buhagije.

Nk'uko nagombaga kwiyegurira Imana yashoboraga kunkoresha mu buryo bwuzuye, bityo rero intumwa Pawulo yagombaga kureka ubuzima bwe bwa kera n'imigambi ye igihe Imana yamuhamagaraga ari mu nzira ijya i Damasiko. Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abaroma, nyuma yahamagariye abizera "gutanga imibiri yabo ngo ibe ibitambo bizima bishimwa n'Imana" kandi ngo " n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwari zo gukiranuka." (Abaroma 12: 1; 6:13).

Benshi ntibiyeguriye Imana (akenshi kubera ubujiji) ahubwo bumva ko mu buzima bwabo aribo bibeshejeho. Babuze imbaraga y'Umwuka wera, ariyo mpano ituma tubona izindi mpano zose z'Imana. Ati: "Ariko kimwe n'andi masezerano, hari ibyo dusabwa kugira. Hari benshi biringira ndetse bavuga ko bafite amasezerano y'Imana; bakavuga ibya Kristo ndetse n'ibya Mwuka wera ariko ntibigire icyo

bibamarira. Ntabwo bemerera umutima wabo kuyoborwa ndetse no kugengwa n'imbaraga z'ijuru.”(Uwifuzwa ibihe byose P.457).

Nk'abantu twanga kureka umudendezo wacu, ariko icyo Imana idushakaho ni ikinyuranyo: "Imana yo ishaka kudukiza no kutubohora. Ariko ubwo kamere yacu igomba guhinduka ukundi rwose no kugirwa nshya dukwiriye kuyiyegurira rwose” (Kugana Yesu, p. 43).

Imibereho irangwa n'icyaha ntabwo ifite umudendezo nk'uko dukunda kubyibazaho.”Umuntu wanga kwiye gurira Imana aba agengwa n'indi mbaraga. Ntabwo yigenga ubwe ashobora kwibwira ko afite umudendezo, nyamara aba ari mu bubata bukomeye. Ntashobora kubona uburyo ukuri ari kwiza kubera ko intekerezo ze zigengwa na Satani. Mu gihe yishuka ko akurikiza ibyo umutima we wo gushyira mu gaciro umubwira, aba yumvira ubushake bw'umutware w'Umwijima. Kristo yazanywe no guca ingoyi z'uburetwa bw'icyaha mu muntu.”(Uwifuzwa ibihe byose P.316).

Ni iki dutakaza mu kwiye gurira Kristo? Ashoboye kutubatura akatuvana mu bubata bw'inarijye, mu ishyari, inzika, gutongana, umururumba, ibiyobyabwenge, umujinya, ubwibone, kwiyemera, gucika intege, kwisuzugura n'ibindi. Wibuke ko buri kiremwa muntu cyose cyo ubwacyo kibera ikibazo gikomeye. Ni wowe kibazo cyawe gikomeye. “Mu mpinduka zibaho iyo umuntu yiyeguriye Kristo, harimo kumva ku rwego rutagereranywa ko ufite umudendezo” (Uwifuzwa ibihe byose. P.316).

Ariko umubumbyi ashobora gukoresha gusa ibumba riri mu biganza bye. Niyo mpamvu twiyegurira Imana. “Kwegurira Imana imbaraga zacu zose byoroshya cyane ikibazo cy'ubuzima. Bigabanya kandi bigatsinda intambara ibihumbi ndetse n'intimba zo mu mutima” (*My Life Today*, p. 6),

Gusa kwiyegurira Imana biganisha ku byishimo birambye. “Abantu bategera Kristo ku magambo yivugiye ubwe bakamwegurira ubugingo bwabo ngo abe ariwe uburinda kandi imibereho yabo bakayegurira kumvira amabwiriza ye, bazagira amahoro n’ituze. Nta kintu na kimwe cyo ku isi gishobora kubababaza igihe we abanezeresheje kubana nabo. Mu kumwemerera by’ukuri harimo amahoro ashytse”. (Uwifuzwa ibihe byose. P.223.) Uyu muni arakurarikira kugira imibereho myiza irangwa n’iki kiruhuko cyiza!

## **GUSENGA HIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Duhinduke ibikoresho by’urukundo rwawe.**

“Kandi ntimuhe ibyaha ingingo zanyu kuba intwari zo gukiranirwa ahubwo mwitange mwihe Imana nk’abazuke, n’ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwari zo gukiranuka” (Abaroma 6:13).

Mwami, turashaka kukwegurira buri gice cyose cy’ubuzima bwacu. Dukoreshe nk’ibikoresho byiza byo kuguhesha icyubahiro.

### **Kugira imibereho yo kuramya.**

"Nuko bene Data, ndabingira ku bw’imbabazi z’Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n’Imana ariko kuyikorera kwanyu gukwiye. (Abaroma 12: 1, NIV).

Data, Urakoze cyane kuturarikira guhinduka ibyaremwe bishya. Twereke uko twakwiyegurira buri gihe nta nkomyi. Dufashe kugukurikira muri byose tubifashijwemo n'imbaraga zawe.

## **Uturinde umubi.**

“Tuzi neza yuko umuntu wese wabyawe n’Imana adakora ibyaha ahubwo Imana adakora ibyaha, ahubwo umwana Imana yabyaye amurinda kandi wa mubi ntamukoraho” (1Yohana 5:18).

Mwami, urakoze kuba waradusezeraniye kuturinda imbaraga y’umubi mu gihe tukwiyeguriye. Tuyobore mu nzira yawe yo kwishima byuzuye.

## **Ibyifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n’ubwo gufata ibyemezo.

**Itorerero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorerero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by’itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by’abizera b’itorero, umuryango, n’abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirisha ishimwe cyangwa indirimbo.

## **Indirimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Yesu nd’Uwawe nyakira (# 25)
2. Mb’uwawe, Mwami (#212)
3. Nkweguriye ubugingo bwanjye (#205)

4. Minsi y'amababa yawe (#203)
5. Nimbon'amahoro (#34)
6. Ubu nj'uko ndi (#26)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 4 - GUSHYIRA UBUBYUTSE MU BIKORWA**

“Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi”  
(Yakobo 4: 3).

#### **Ishusho y'Ibishoboka**

Tekereza ko umuntu abwirije icyigisho cy'ububyutse mu itorero ryanyu hanyuma akihanisha, umubwiriza akararikira abantu kwakira Yesu no kumukurikira buri gihe. Birashoboka ko nta n'umwe uzitabira irarika. Baba bake cyangwa baba benshi kuva Imana iremye abantu ikabaha umudendezo wo guhitamo, nta bwo dushobora kwita cyane ku buryo abantu bitabira irarika n'ubwo abantu bakwemera kwakira ijambo ry'Imana ndetse bakarishyira no mu bikorwa. Byaba ibwiriza butumwa ryo mu ruhame cyangwa iry'umuntu ku w'undi cyangwa ivugabutumwa rishingiye ku bucuti cyangwa Imana ikaba yagutoranije mu buryo abandi batakekaga, ubuhamya bwacu buzatsinda mu buryo bugaragara. Ubu buryo bwo gukoraneza ni impano ikomoka kuri Mwuka wera. Duhagarara inyuma twishimye kandi duhanze amaso ibitangaza by'Imana iba igiye kudukorera.

Kenshi na kenshi ubuzima bwacu bwa gikristo ntibuba bumeze neza. Ibi ntibishatse kuvuga ko gahunda z'itorero ryacu n'imishinga riteganywa ko nta cyo iba imaze. Uwitaka ariha umugisha mu buryo bushobotse bwose akanahira imbaraga za muntu. Mbese byagenda bite turamutse turushijeho mu bunararibonye bwacu kwakira mu buryo

buruseho imbaraga ya Mwuka wera? Imana yonyine niyo izi ibishobora gukorwa! Umubwiriza Henry T. Blackaby yaranditse ati” Tuzakora ibirenze mu mezi atandatu ikoresheje abantu bayiyeguriye awugereraniye mu myaka itandatu dukoresheje imbaraga zacu n’ubwenge bwacu” ko*Experiencing God*, p. 108, revised edition).

Gusabira ububyutse ni ngombwa, ariko ntidukwiye guhagararira aho. Nkurarikiye gutera intambwe z’ingenzi kugira ngo ugire ububyutse by’umwihariko. Imana itanga umugisha izatuma ubuzima bwawe bugira imbaraga mu buryo butigeze bubaho mbere, bizatuma umuryango wawe n’itorero nabyo bihinduka bishya mu buryo butigeze kubaho.

### **Harabura iki?**

Hari ibibazo bimwe twibaza: Ni ikihe kintu shingiro gitera ibibazo byose duhura nabyo? Mbese ni iby’umwuka? Ese kubura Umwuka Wera gushobora kuba intandaro ituma tugira ubukristo bw’akazuyazi? Niba igisubizo ari yego, none se ni kuki tubura Umwuka Wera mu mibereho yacu?

Ibyanditswe byera biraduha igisubizo: “Ntimuhabwa kuko mudasaba, murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi” (Yakobo 4: 2, 3). Nk’uko twabyize mu cyigisho cyo ku munsu wa mbere, Imana iduhamagarira kudahwema gusaba Umwuka Wera mu mibereho yacu. “Ni Kuki tutagira inzara n’inyota y’impano y’Umwuka, mu gihe ubu aribwo buryo tubasha kwakiramo imbaraga? Ni kuki tutamuvuga? Ngo tumusabe, ngo tubwirize kuri Mwuka Wera?” (*Testimonies for the Church*, vol. 8, p. 22).

Yakobo avuga ko tudahabwa igihe” dusabye nabi” bishoboke ko ashaka kuvuga ko Imana idashobora gutanga umugisha igihe cyose intekerezo zacu zirangamiye ibyo umubiri wifuza”. Pawulo abisobanura neza ati “Abakurikiza ibya kamere y’umubiri bita ku by’umubiri naho abakurikiza iby’Umwuka bakita ku by’Umwuka. Umutima



wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro". (Abaroma 8: 5, 6).

“Ubwenge bwa kamere” Pawulo avuga ni ubuhe? Mu by'ukuri, Ijambo ry'Imana risobanura amatsinda atatu y'abantu n'isano bafitanye nayo. Muri buri tsinda harimo byinshi bitandukanye bitewe n'uburyo ababyeyi bakureze, imico warazwe, kwirinda, imyaka y'ubukuru, umuco, uburezi n'ibindi. Ariko nubwo bitandukanye, dusangamo amatsinda atatu yibanze: umuntu wa "kamere" cyangwa "uw'isi", umuntu "w'Umwuka" cyangwa "wuzuye Umwuka", n' umuntu "w'umubiri."

Aya matsinda uko ari atatu asobanurwa mu 1 Abakorinto 2: 14-16 na 3: 1-4. Tugiye kurebera hamwe mu ncamake “umuntu karemano” aba mu isi kandi aba ataragirana isano n'Imana. Abagize itorero bakubiye mu yandi matsinda abiri asigaye, kandi gusuzumira hamwe buri tsinda biratugaragariza aho ikibazo nyamukuru gihereye. Ikibazo rero ni iki? “Mbese ni irihe tsinda mbarizwamo”? Isuzuma rito cyane rigiye gukorwa riratuma wisuzuma wowe ubwawe uzirikana ko dushaka gusuzuma imibereho yacu ubwacu, si imibereho y'abandi! Mbese uri muntu ki?

**Umuntu usanzwe (Karemano):** Nta sano afitanye n'Imana. "Ntabwo yakira iby'Umwuka bikomoka ku Mana, kuko ari ubupfu kuri we" (1 Abakorinto 2:14 “Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka).

**Urangwa n'Iby'umwuka:** afitanye n'Imana umubano wuzuye kandi uzira amakemwa. Iyo turi ab'umwuka “tuba dufite mu ntekerezo Umwuka nk'uware muri Kristo” (1 Abakorinto 2:16. Mbese ni nde wigeze kumenya icyo Uwiteka atekereza ngo amwigishe? Nyamara twebw dufite gutekereza kwa Kristo).

**Umuntu wa kamere:** Ni umuntu ufata impu zombi n'isano agirana n'Imana ntihamye. “Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk'uvugana n'ab'Umwuka,

ahubwo navuganye namwe nk'uvugana n'aba kamere cyangwa abana b'impinja bo muri Kristo” (1 Abakorinto 3: 1).

Nitugera ku munsu wa 5 tuzarebera hamwe iki kibazo: Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umukristo w'iby'umwuka n'uw'umubiri?

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Umwuka Wera ayobora ibitekerezo byacu.**

“Abakurikiza ibya kamere y'umubiri bita kuby'umubiri, naho abakurikiza iby'umwuka bita kuby'Umwuka “(Abaroma 8: 5).

Data, tuzi ko ku ruhande rumwe tuyoborwa n'umubiri wacu cyangwa n'Umwuka Wera. Turagusabye ngo utugire abakristo b'iby'Umwuka kandi mu ntekerezo zacu ushyiremo ibyerekeranye n'iby' Umwuka

Nituyoborwa na Mwuka ntituzaba tugikeneye imbabazi z'irari ryacu.

“Ndavuga nti: “Muyoborwe n'Umwuka”kuko aribwo mutazakora ibyo kamere irarikira” (Abagalatiya 5:16).

Mwami, ndagushimira ko Umwuka Wera amenagura imbaraga z'icyaha mu mibereho yacu. Mwami, turagusaba ngo imbuto za Mwuka zikurire mu mitima yacu. Urakoze cyane Mwami kubw'iri sezerano ryiza.

### **Umwuka adukiza gucirwaho iteka.**

“Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko itegeko ry'Umwuka w'ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw'itegeko ry'Imana n'urupfu” (Abaroma 8: 1, 2).

Data, mbega umugisha kumenya ko ububata bw'icyaha bumenagurwa iyo tubayeho imibereho iyobowe na Mwuka wera! Urakoze kuba kuba Kristo yarishyizeho gukiranirwa kwacu akatubatura mu bubata bw'icyaha n'urupfu”.

### **Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n'ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, iniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga..

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirishe ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indilimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Mbes'urashaka kunesh'ibyaha?(#196)
2. Yasezeranye kuduh'imvura (#258)
3. Ndakwifuza Yesu mwiza (#265)
4. Nabony'inshut'ihebuje(#139)
5. Nzasa Na Yesu (#275)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 5 – IBY’UMWUKA N’IBYA KAMERE: BITANDUKANIYE HE?**

“Ariko dufite gutekereza kwa Kristo” (1 Abakorinto 2:16”Mbese ni nde wigeze kumenya icyo Uwitaka atekereza ngo amwigishe? Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo).

#### **Ikiduhuza n'ijuru**

Mbere yo gusobanura abakristo barangwa n’iby’Umwuka n’ abagengwa na kamere, dukeneye kuzirikana ko tutari kuvuga "abanyabyaha" n’abatari bo. “Abantu bose, baba ab’iby’Umwuka na ba kamere, ni abanyabyaha bakeneye Umukiza. Gukiranuka kwacu kwonyine gukomoka kuri we. Ahubwo, ikizashingirwaho mu kwinjizwa mu itsinda iri n’iri kizaterwa n’isano yacu bwite dufitanye na Mwuka Wera. Imana yateganiye ko tudashobora guca umubano wacu n'Umwuka Wera tutangiye umushyikirano wacu n’ijuru (Matayo 12:32). Ellen White arabisobanura: “Uwanga kwemera umurimo wa Mwuka muziranenge, aba yishyize aho adashobora kugerwaho no kwihana ndetse no kwizera. Mwuka niwe Imana ikoreramo igera ku mutima w’umuntu” (Uwifuzwa ibihe byose P.215).

Kandi birakwiye kubisubiramo: umuntu wenyine nshobora gusuzuma maze nkavuga ko ari uw’iby’umwuka cyangwa ayoborwa n’umubiri ni njye ubwanjye. Imana ishobora gukorera mu mitima y’abandi bantu kandi ntabwo ikeneye ko nshyira ibirango kuri bagenzi banjye bo mu itorero. Inkuru nziza ni uko niba mbabajwe n’iby’Imana ihishura mu mutima wanjye, ishobora kumpindura guhera uyu munsi!

Umwizera w’itorero urangwa n’iby’Umwuka

Umuntu urangwa n'iby'umwuka ni umukristo wahindutse rwose. N'ubwo yavutse ari umunyabyaha, yitwa ko "afite iby'umwuka" kubera ko afitanye n'Imana umubano muzima kandi isano afitanye na Mwuka wera igenda ikura. Intumwa Pawulo yanditse agira ati: "Ariko umuntu w'Umwuka arondora byose, nyamara ubwe ntawe umurondora. Mbese ni nde wigeze kumenya icyo icyo Uwiteka atekereza ngo amwigishe? Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo."

(1 Abakorinto 2:15, 16).

Yesu niwe shingiro ry'ubuzima bw'umuntu w'iby'umwuka kandi niwe uyobora umutima we kandi akamwereka ibyo akwiye kugira nyambere. Umuntu w'iby'umwuka aba yariyeguriye Kristo mu buryo bwuzuye kandi amaramaje kandi agakomeza gusaba imbaraga ya Mwuka wera (Luka 11:13). Mu rwego rwa Laodikiya, umuntu w'iby'umwuka ashobora kwitwa ko "ashyushye" (Ibyahishuwe 3:15). Mu mugani w'abakobwa cumi (10), ashoboraga kwitwa "umunyabwenge" (Matayo 25: 2-4). Umuntu w'iby'umwuka arangwa no kugira ubugingo bwiza "ndetse bwinshi cyane" (Yohana 10:10) kandi yuzuyemo "kuzura kwuzuye kw'Imana" (Abefeso 3:19). Yishimira ko "yakijijwe kubwo kwizera" (Abefeso 2: 8). Nubwo umuntu w'iby'umwuka ahura n'ibibazo n'ibishuko, ahanga amaso ye kuri Yesu.

### **Umwizera urangwa na Kamere**

Umuntu urangwa na kamere y'umubiri ntashobora kugirana umushyikirano uhamye Imana. Usanga adaha agaciro imbaraga ya mwuka wera ndetse usanga yaramwigometseho ku mugaragaro. Dore icyo intumwa Pawulo avuga: "Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk'uvugana n'ab'Umwuka, ahubwo navuganye namwe nk'uvugana n'aba kamere, cyangwa abana b'impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye ibyo kurya bikomeye, kuko mwari

mutarabibasha. Kandi na none ntimurabibasha kuko mukiri aba kamere. Ubwo muri mwe harimo ishyari n'amahane, mbese ntimubaye aba kamere koko ntimugenza nk'abantu? Ubwo umuntu umwe avuga ati: "Jjeweho ndi uwa Apolo" ntibigaragaza ko muri aba kamere?" (1 Abakorinto 3: 1-4).

Hano twakwanzura ko ikintu shingiro twaheraho dusananura umuntu wa kamere kigomba kuba isano dufitanye na Mwuka Wera. Umuntu wa kamere ni ubaho ayoborwa n'umubiri; ni ukuvuga, ko akoresha imbaraga ze aho gukoresha imbaraga ya Mwuka wera. Kandi ibyago bikomeye ni uko atigera ahitamo kuzabona ubugingo buhoraho. (Abaroma 8: 9).

Pawulo abwira abantu ba kamere nk'ubwira "abavandimwe," byerekana ko bari abizera b'itorero. Ntiyashoboraga kubita "ab'iby'umwuka" kuko batari barigeze buzura bihagije Umwuka Wera. Ntabwo bigeze bakura mu kwizera nk'uko bikwiye. Birashoboka ko waba umwizera w'itorero mu gihe cy' imyaka myinshi ariko kandi ugakomeza kuba umukristo wa kamere. Birashoboka ko wagira ubumenyi bw'inshi mu bya Bibiliya ariko ugakomeza kuba umwana mu by'Umwuka. Abakristo benshi ba kamere bumva batanyuzwe, batengushywe cyangwa badafite intego mubuzima bwabo bw'iby'umwuka. Bamwe ntacyo bitayeho usanga bavuga bati: "Turi abanyabyaha kandi ntacyo twabasha kubikoraho"

Abandi bakristo ba kamere bafite ishyaka kandi ni abanyamwete ndetse birashoboka ko bishimira imyanya y'ubuyobozi bafite mu itorero. Ariko ikibabaje, Yesu aravuga ati: "Benshi bazambaza kuri uwo munsu bati" Mwami Mwami ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe? Nibwo nzaberurira nti: "sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe". (Matayo 7:22, 23). Ikibazo cyari ikihe? Ntabwo bari bafitanye isano na Yesu kandi nta sano nzima bari bafitanye na Mwuka wera.

Niba ubona ko uri umukristo wa kamere muriki gihe, humura! Ufite amahirwe yo gutangira imibereho mishya muri aka kanya. Abakristo benshi ba kamere bateye batya mu buryo batazi ndetse bashobora kuba bajya gusenga basaba kugira kwizera guhamye. “Umunezero wanyu ube wuzuye” (Yohana 15:11), kandi arakurarikira kuruhukira mu byiringiro bikomeye by’ubugingo buhoraho.

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Turacyari umuntu wa kamere, ariko hariho ibyiringiro.**

“Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk’uvugana n’ab’Umwuka, ahubwo navuganye namwe nk’uvugana n’aba kamere, cyangwa abana b’impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye ibyo kurya bikomeye, kuko mwari mutarabibasha. Kandi na none ntimurabibasha. Kuko mukiri aba kamere. Ubwo muri mwe harimo ishyali n’amahane, mbese ntimubaye aba kamere koko ntimugenza nk’abantu? (1 Abakorinto 3: 1-3).

Nyagasani, urakoze gukoresha ijambo “haracyariho” muri iyi nyandiko, haratwibutsa neza ko tudakwiriye kuguma uko turi. Turagusaba ngo muri uyu munsu uduhe guhinduka urakoze cyane kuko ishyari, amakimbirane, n'amacakubiri tubikira iyo tubayeho tuyobowe na Mwuka wera.

### **Mbese dusaba tuyobowe n'imbaraga ya kamere?**

“Ntimuhabwa kuko mudasaba, murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi.”(Yakobo 4: 2, 3).

Data, tubayeho mu bukene bw’iby’umwuka kuko tudasaba, cyangwa tugasabana kwikunda irari ryacu. Turagusabye ngo uhindure amasengesho yacu kandi utuyoboreshe Umwuka wera.

### **Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n’ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by’itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by’abizera b’itorero, umuryango, n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirishe ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Ngiz’amahirwe ndi uwa Yesu (#191)
2. Mwami Yesu Ndifuzza K’umboneza (#13)
3. Naguzw’amaraso y’intama (#68)
4. Umukiza aragutegereje (#308)
5. Har’isoko (#12)



## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 6 – IGISUBIZO CY’IMANA MU NTAMBARA TURWANA**

“Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire, Kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye niwe uzabukiza. (Luka 9:23, 24).

#### **Amabanga abiri yo kugira ububyutse burambye**

Yesu atanga igisubizo ku bakristo ba kamere bashaka kuba abakristo barangwa n’iby’umwuka. Aragira ati: “Mugume muri jye nanjye ngume muri mwe” (Yohana 15: 4, NIrV). Mu yandi magambo, “Guma muri njye.” Ariko se gute?

#### **Ellen White avuga ko kuguma muri Kristo bisobanura:**

1. “Guhabwa kuri Mwuka we ku buryo buhoraho”
2. “No kugira imibereho ihora yitangira umurimo wa Kristo” (Uwifuzwa ibihe P.460)

Izi ngingo uko ari ebyiri nk’igisubizo gikomotse ku Mana kituyobora ku bubyutse no ku mibereho ya gikristo inejeje. Kuki? Yesu aravuga ati:”Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n’umunezero wanyu ube wuzuye.” (Yohana 15:11). Dushingiye kuri izi ntambwe zombi, twibonera "Kristo muri mwe," cyangwa Akaboneka mu mibereho yacu ya buri muni, kandi bivuze ko dusangira ibyiringiro by’ubwiza bwe (Abakolosayi 1:27).

**Ingingo y’ingenzi:** Buri muni dusaba kandi twakira kubwo kwizera gusukwa kwa Mwuka Wera, kandi buri muni twegurira Imana ibyo dufite byose byose ni iby’Imana.Ku muni wa mbere twaganiriye ku kamaro ko gusaba Umwuka Wera, naho ku muni wa gatatu twiga ko dukeneye kwiyegurira Imana. Uyu muni

turarebera hamwe izi ntambwe zombi-twibanda cyane kubyo dukeneye gusaba no gutanga buri muni.

### **Kuki tugomba gusaba buri muni Umwuka Wera?**

Hashize imyaka nsomye inkuru y’umugizi wa nabi wahindutse yiyegurira Kristo. Yatuye abikuye ku mutima ibinyoma bye, ubujura n'ibindi byaha, bityo bituma agira uruhare rukomeye mu murimo w'Imana. Imana yahinduye ubuzima bwe rwose.

Ibi byarantangaje. Naribwiye nti: Ndi gukora neza mu buryo bwose bushoboka, ariko ntabwo nigeze ngira ubunararibonye nk’ubwo. Kubw’ibyo narasenze nti: “Mwami, nanjye ndashaka kwatura ibyaha byanjye byose bizwi n'ibyaha utaranyereka. Byongeye kandi, nzajya mbyuka mbere ho isaha kugira ngo nsenge kandi nsome Bibiliya. Ndashaka kureba niba nanjye uzagira icyo unkorera mu buzima bwanjye. ”

Imana ishimwe, yagize icyo inkorera mu buzima bwanjye! Ntabwo ari ukubera ingororano z’uko nabyukaga kare ahubwo ni uko buri muni najyaga aho Umwuka Wera yashoboraga kunsanga. Niba Yesu yarakeneraga umubatizo mushya wa buri muni wa Mwuka Wera akiri kuri iyi si, twe dukeneye izo mbaraga bingana iki? Pawulo yanditse ku muntu w'imbere "ahora ahinduka mushya uko bukeye" kandi asenga asabira ubwoko bw'Imana”gukomezwa cyane mu mitima ku bw'Umwuka we" (2 Abakorinto 4:16 na Abefeso 3:16). Kandi Ellen White atanga ibyiringiro: “Uhoraho yifuza cyane guha Mwuka muziranenge abamukorera kurusha uko ababyeyi bifuzaga guha abana babo impano nziza. Buri mukozi wese yari akwiye gusaba kubatizwa na Mwuka buri muni” (Ibyakozwe n'Intumwa, p. 35). “Umuntu w'imbere” akeneye kwitabwaho buri muni.

## **Ni kuki tugomba kwiyegurira Yesu buri muni?**

Agerageza gufasha abigishwa be gusobanukirwa no kwitanga ukiyegurira kuba umwigishwa. Yesu yarababwiye ati: "Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire" (Luka 9:23). Kwiyanga bisobanura guha Yesu kuyobora ubuzima bwacu buri muni. Intumwa Pawulo abisobanura gutya: "Mpora mpfa uko bukeye" (1 Abakorinto 15:31).

Nk'abantu twanga kwiyegurira Imana, tukibagirwa ko "iyi mbye umunyantege nke ariho ndushaho kugira imbaraga" (2 Abakorinto 12:10). Twakira ubuzima bw'umubiri tuvutse, ariko turacyarya buri muni kugira ngo tubungabunge ubuzima. Twakira ubuzima mu by'umwuka iyo tuvutse ubwa kabiri, ariko turacyakeneye ibiryo by'umwuka bya buri muni kugira ngo tubeho iyo bitabaye ibyo tuzapfa. Nk'uko tudashobora kurya ibyo kurya mbere y'igihe, nta nubwo dushobora kwiyegurira Kristo ejo. Ellen White yaranditse ati: "Nyamara nubwo twiyeguriye Imana igihe twihanaga ntacyo bizatumarira igihe cyose tutavugururwa buri muni." (*Our Father Cares*, p. 144).

## **Uburyo bwo Gutangira**

Uburyo bwiza - n'inzira imwe rukumbi – Ni iyo kwakira buri muni Umwuka Wera no kwiyegurira Yesu. Ni ugusenga buri muni. Keretse niba duhisemo Imana buri muni, naho ubundi amasezerano yacu n'ibyo tugamije byiza ni nk "uwakwenda umusenyi, akawubohamo umugozi" (Kugana Yesu, p. 37). Mbese ntiwakwemera ukamwiyegurira kugira ngo uyu muni uhitemo uruhande rwiza kugira ngo mubane? "Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo nibyo ibyo byose muzabyongererwa" (Matayo 6:33).

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Guma mu mushyikirano mwiza n’Imana buri muni**

“Mugume muri njye, nanjye ngume muri mwe. Nk’uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu, niko namwe mutabibasha. Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.”(Yohana 15: 4, 7).

Nyagasani, urakoze kutwongerera kwizera mu gihe tukwiyeguriye buri muni. Tuyobore uduhe kurushaho gusobanukirwa neza Mwuka Wera. Reka ibyifuzo byawe Nyagasani bibe ibyifuzo byacu.

### **Baho mu mushyikirano mwiza n’Imana buri muni.**

“Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire (Luka 9:23).

““Ahubwo mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo nibyo ibyo byose muzabyongererwa” (Matayo 6:33).

Nyagasani, twigishe kukugira nyambere muri byose. Twereke uko twajya dutangira buri muni turi kumwe nawe.

### **Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n’ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga..

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirishe ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Ndagushak'iteka (#24)
2. Ungumane (#29)
3. Hanga amaso umukiza (#221).
4. Tujye dusabira abazimiye (#78)
5. Shaka gutungana (#28)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 7 – GUSENGERA AMASEZERANO Y'IMANA**

“Musabe muzahabwa, mushake muzabona mukomange ku rugi muzakingurirwa (Matayo 7: 7).

#### **Intsinzi zidashoboka zihinduka izishoboka**

Yesu yaraducunguye kugira ngo "dushobore kwakira amasezerano ya Mwuka binyuze mu kwizera" (Abagalatiya 3:14). Ariko twubaka dute kwizera mu byo yasezeranye? Ni buryo ki dukwiye gusenga kugira ngo tumenye neza ko twuzuwe na Mwuka Wera? Ni kuki umutima uvuguruwe ku mibereho myiza yo gukura mu bya gikristo?

Hashize imyaka myinshi nzi ibijyanye no gusenga gushyira mu bikorwa kwitwa "gusenga ushingiyeye ku masezerano," ariko mu gihe kirekire gishize sinabashije kubishyira mu bikorwa. Mu gihe navumburaga imigisha ikomoka mu gusenga ushingiyeye ku masezerano y’Imana nashatse kubisangiza bagenzi banjye hashize imyaka myinshi nanditse igitabo cyitwa:” intambwe zigeza umuntu ku bubyutse” gikubiyemo igice kivuga uburyo bwo gusenga ushingiyeye ku byanditswe n’ishingiro z’ubukristo bushyira mu bikorwa.

### **Abasomyi bamwe babitanzemo ubuhamya:**

“Sinigeze nta rimwe ntekereza ko mbasha kunguka ubwenge bushya binyuze mu gusenga. Gusenga ushingiyeye ku masezerano y’Imana nk’uko twabisobanuye mu gahe gato cyane, Imana yampaye intsinzi mu buzima bwanjye mu buryo ntashoboraga gutekereza ko byashoboka.”

“Kuva ntangiyeye gusenga nshingiyeye ku masezerano, ubuzima bwanjye bwarahindutse. Umugore wanjye yabonye impinduka ikomeye. Kuva niga gusenga nshingiyeye ku amasezerano, ubuzima bwanjye bwarahindutse. Umugore wanjye yabonye impinduka zuzuye muri njye. Nanjye ubwanjye byarantangaje”.

### **Nawe gerageza**

Gusenga ushingiyeye ku masezerano bisobanura iki? Duhitamo amasezerano ari muri Bibiliya cyangwa itegeko”gusenga ufite amasezerano”? Duhitamo amasezerano ya Bibiliya cyangwa itegeko hanyuma tugasenga muri ayo magambo tubwira Imana. Twizera Imana dushyira mu bikorwa amasezerano yayo. Twemera kuyoborwa n’Imana mu masengesho yacu kandi ikanatubwira binyuze mu ijamba ryayo. Iyo twumva dufite gushidikanya nk’uko mu bihe bimwe ariko bamwe bajya babikora dushingira ku masezerano maze tukayavugaga nk’uko Imana ubwayo yabidusezeraniye. Nk’uko tugenda twuzuzwa mu mitima yacu amasengesho ashingira ku byanditswe, kwizera kwacu

kurushaho kugira imbaragamaze tukamenya icyo Imana idushakaho kuruta mbere. Ellen White yanditse agir ati: "Guhanagura amasezerano y'Imana mu Ijambo ryayo byaba ari nko guhanagura izuba mu kirere. Imana yashyize amasezerano mu Ijambo ryayo kugira ngo ituyobore mu kuyizera. Muri aya masezerano Imana ituvaniraho ikintu cyazatuma tutabona ubugingo bw'iteka" (*My Life Today*, p. 338).

Bibiliya itanga umucyo usobanutse neza mu kutuyobora mu masengesho.

Icyo mbere tubwirwa gusaba mu izina rya Yesu: "Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora" (Yohana 14:14). Imana kandi itanga isezerano rusange ko isubiza amasengesho akurikije ubushake bwayo: "Kandi iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye." Ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka". (1Yohana 5:14, 15). Imana ihishura ubushake bwayo mu mategeko n'amasezerano ya Bibiliya kandi dushobora kwishingikiriza kuri yo twizera ibyo yadusezeranije. Umurongo wa 15 ukomeza ugira uti: "kandi ubwo tuzi yuko yumva icyo dusabye cyose tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye."

Ibyo bisobanuye iki? Iyo dusengeye ikintu tuzi neza ko kigendanye n' ubushake bw'Imana, uwo mwanya Imana ihita idusubiza. Dushobora kutabona ibisubizo ngo tubirebeshe amaso uwo mwanya ndetse ntitugire icyo tubona mumarangamutima yacu. Ariko amasengesho yacu kubwo kwizera arasubizwa, ntabwo ari ibiyumviro byacu. Amarangamutima azakurikira nyuma, ariko kuri ubu, twizeye amasezerano.

Urugero, hari ibyo nize mu gihe nasengeraga hamwe n'abantu banywa inzoga na nikotine. Mu gihe basengaga basaba Imana ko yababatura, ntibashoboraga kubona ikintu na kimwe. Bagombaga kwakira gutabarwa binyuze mu kwizera. Ariko birashoboka ko nyuma y'amasaha make babonye ko badafite irari rya kera ryo kunywa ibisindisha cyangwa itabi. Kuri ubu, bakiriye agakiza kubabatura mubyo barimo nk'uko babisabye mu masengesho.

Ellen White yagize icyo yerekana ku byerekeranye no gusenga gushingiye ku masezerano. “[Imana] birayishimisha iyo bayisabye iby’agaciro kenshi, kugira ngo baheshe izina ryayo icyubahiro. Bazagera ku bikomeye nibaramuka bizeye amasezerano yayo. (Uwifuzwa ibihe byose P.454). “Gusaba imbaraga Mwuka muziranenge. Imana ihora yiteguye gusohoza isezerano ryose yasezeranye. Fata Bibiliya yawe mu ntoke maze uvuge uti, ibi nibyo wadusezeraniye ngo:”Musabe, muzahabwa; mushake muzabona; mukomange ku rugi, muzakingurirwa '(Matayo 7: 7)” (Imigani ya Kristo, p. 68).

Yesu arasezerana ati: " Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona”(Mariko 11:24). Mbese ujya usenga usaba amasezerano y’Imana buri muni? Iyo dusenze mu izina rye kandi dukurikije ubushake bwe, ijuru ryose riranyeganyega!

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Imana itegereje kuduha Umwuka Wera.**

“None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi so wo mu ijuru ntazarushahorwose guha Mwuka wera abamumusabye" (Luka 11:13).

Ariko ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka wera, uwo abamwizera bendaga guhabwa, ariko ubwo umwuka yari ataraza kuko Yesu yari atarahabwa ubwiza bwe.”(Yohana 7:39).

“Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n’umwuka wera, uwo Imana yahaye abayumvira.” (Ibyakozwe 5:32).

Data, dusoma ko Uzaha Umwuka Wera abawugusabye, ku bakwizera no ku bakubaha. Iki nicyo cyifuzo cyacu. Data turagusaba kubisohoza mu bugingo bwacu,



kuko ntidushobora kubikora kubwacu. Urakoze gushyira urukundo rwawe mu mitima yacu.

**Imana iraturarkikira kuzura Umwuka.**

“Mwuzure Umwuka” cyangwa “reka wowe ubwawe uhore wuzuzwa Umwuka” (Abefeso 5:18)

Data mwiza, twigishe gusaba ubudahwema kandi inshuro nyinshi gusukirwa Umwuka Wera. Ntabwo dushaka kubura Umwuka Wera nka ba bakobwa babapfu. Twuzurisha ubwenge buboneka mu Ijambo ryawe.

**Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n’ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by’itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by’abizera b’itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirisha ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Nshikamye ku masezerano (#216)
2. Jyuhora undinganirje (#46)
3. Umpe Bibiliya (#45)
4. Mana Data ushobora byose (#231)
5. Gusoma amagambo ya kera ari muri Zaburi ya 19

### **GUSHAKA UBUBYUTSE**

#### **UMUNSI WA 8 - KUMVIRA GUKOMOKA KURI YESU**

“Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya ibya kera biba bishize Dore byose biba bihindutse bishya.”(2 Abakorinto 5:17).

#### **Intambwe zo kwizera**

Ibuka igihe Yesu yakoraga igitangaza cye cya mbere mu gihe cy’ubukwe bw’i Kana? Mariya, nyina wa Yesu, yabwiye abahereza ati: “Icyo ababwira cyose mugikore” (Yohana 2: 5). Mu kuvuga ibi, Mariya yatumye abahereza bagira kwizera kwa Yesu. Igihe yabasabaga kuzuzwa ibibindi amazi, bakoze neza nk’uko yabibasabye. Hanyuma Yesu arababwira ati: “Nimudahe noneho mushyire umusangwa mukuru" (umurongo wa 8). Na none, bakurikije icyo yabasabye gukora, nubwo bisa nk’aho byari ibintu bidasanze kandi bidatinze biboneye ubwabo igitangaza cya Yesu.

#### **Ongera urebe intambwe zatewe:**

1. Bitewe n’amabwiriza ye, Mariya yatumye abahereza bagira kwizera muri Kristo.

2. Abahereza bagaragaje kwizera kwabo kandi bari bafite ubushake bwo gukora ibyo Yesu yabasabye gukora; mu yandi magambo, bateye intambwe zo kwitegura zituma igitangaza gikorwa.

3. Hanyuma Yesu ubwe niwe wakoze igitangaza.

Abahereza ntacyo bakoze ngo bahindure amazi divayi - ariko se igitangaza cyaba cyarakozwe batabanje gutera intambwe zo kugitegura? Uku niko kumvira binyuze mu kwizera bigenda: Duhitamo kwizera Yesu, tugashyira ubushake bwacu mu biganza bye kandi tugatera intambwe zo kumvira binyuze mu kwizera. Ariko Yesu ubwe - akora ibitangaza.

### **Bigenda bite?**

Intumwa Pawulo asobanura ko ibitangaza byakorewe muri twe ku bw'intego isobanutse ari yo kugira kumvira binyuze mu kwizera (soma: Abaroma 16: 25-27). Iri banga ni irihe? Dushingiye ku bakolosayi 1:27, ni "Kristo uri muri mwe" Kandi ni uwuhe musaruro uboneka iyo kumvira binyuze mu kwizera bikorewe muri Kristo? "Ku bw'ibyo, umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya." (2 Abakorinto 5:17).

Dufite imibereho mishya binyuze muri Kristo uriho kandi ukorera muri twe. Turi ibiremwa bishya!

Iyo dufite "Kristo muri twe," imyifatire yacu imbere y'amategeko yayo irahinduka. "Amategeko yayo ntarushya" (1Yohana 5: 3). Yesu ati: "Kuko umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:30). "Nzishimira ibyo wategetse ndabikunda" kuko "arusha ibiceri ibihumbi by'izahabu na feza" kandi "Arusha ubuki kuryohera mu kanwa kanjye." (Zaburi 119: 47, 72, 103). "Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi, nta kigusha bafite (Zaburi 119: 165). Kumvira binyuze mu kwizera

ni ikintu gishimishije kuko Imana, mu rukundo rwayo, yaduhaye amategeko meza gusa.

Kandi nubwo kumvira bifite akamaro, ntabwo biduhesha agakiza kandi niyo twaba turi abantu beza ntibyashoboka. Ellen White agira ati: “Umuntu ugerageza kuzajya mu ijuru kubw’ imirimo ye bwite yo kubahiriza amategeko aba agerageza ibidashoboka. Umuntu ntashobora gukizwa atumvira, ariko imirimo ye ntigomba kuba ariwe iturukaho. Kristo akwiye gukorera muri we kubushake no gukora ibimushimisha” (*Faith and Works*, p. 94).

### **Ingingo eshatu zikwiye kwerekana:**

1. Ntibishoboka ko ibikorwa byanjye bwite byazanjanjyana mu ijuru. Kugerageza kubona ikintu kiva ku Mana ntacyo bimaze. ”
2. Nyamara, kumvira ni ikintu cy’ingenzi mu kubana n’Imana, kubera ko abayoboke ba Yesu bahamagarirwa kubaho mu buryo buhuje n’ubushake bwayo.
3. Kumvira ntibigomba kuba umurimo wacu ahubwo ni igitangaza gikorera muri twe na Kristo.

### **Ni uruhe ruhare rwacu?**

Na none kandi, ntidushobora kugira icyo twikorera ngo turonke agakiza, ariko Imana yubaha uburenganzira bw’abantu kandi ikatwemerera kwihitiramo. Dushingiye ku nama Ellen White atanga: “Uwiteka ateganya ko imbaraga mvajuru zizafatany n'imbaraga z'abantu” (*Ye Shall Receive Power*, p. 10)

## **Ibyo bishatse kuvuga iki?**

1. **Turizera.** Duhitamo ko kwizera kwacu gukurira muri Yesu, ukora muri twe “ku bushake no gukora” (Abafilipi 2:13). Aturemamo imyifatire ituma tugira ubushake kandi atwereka icyo tugomba gukora.
2. **Dufata icyemezo.** Tugomba guhitamo gukora ibyo Imana ishaka. Kubera ko yubaha byimazeyo imiterere yacu bwite n’ubushake, izagira icyo ikora nitujya gufata icyemezo. Itegereje kugira icyo ikora.
3. **Gutera intambwe zo kwitegura.** Tugaragaza icyemezo cyacu mu ntambwe zo kumvira, zishobora kuba nini cyangwa nto.
4. **Imana yonyine** niyo ikora umurimo w'ingenzi w'agakiza.

Kandi wibuke ko, ndetse uruhare rwacu –mu kwizera, mu gufata ibyemezo, no gutera intambwe zo kwitegura - bikorwa gusa n’ imbaraga z’Imana, mu gihe Yesu atuye muri twe binyuze mu buryo bwa Mwuka Wera. Ibi bituma kumvira bitera umunezero.

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Kumvira bidufasha kugira urukundo rw'Imana.**

“Ufite amategeko yanjye akayitondera, niwe unkunda kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyerere.”(Yohana 14:21).

Data, Urakoze kutwereka uburyo twagera ku mibereho myiza ishoboka, tubabarire igihe tutitaye ku mategeko yawe no ku rukundo rwawe, tuyobore mu kukwizera mu buryo bwuzuye no kukwegurira imitima yacu yose.

### **Imana irishima iyo tuyisabye dufite imitima yumvira.**

“Nuko rero uhe umugaragu wawe umutima ujijutse...Uwiteka aranezerwa....Nuko nkugiriye uko unsabye” (1 Abami 3: 9, 10, 12)

Nyagasani, duhe umutima wo kukumvira, duhe kwizera gushyitse mu buyobozi bwawe n'amahame yawe, yewe n'ubwo twaba tutabyumva, twigishe uburyo bwo kugira kumvira bikomoka ku mbaraga ya Mwuka wera bitatubereye umutwaro ahubwo bitubere umunezero

### **Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n'ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, iniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirishe ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zo kwifashisha mu masengesho**

1. Tubane n'Umwami (#40)
2. Aho nzahamagarwa hose (#155)
3. Ndanezerwa kw'anyobora (#33)
4. Nyemerera Ngendane nawe (#133)
5. Mwami nzi kw' ariwe nkunda (#135)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 9-MBESE NKORERA IMANA-CYANGWA IMANA IKORERA MURI JYE**

“Nabambanywe na Kristo arikondiho, nyamara sijye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye” (Abagalatiya 2:20).

#### **Twaremewe gukora imirimo myiza**

Soluti (Zsolt), umunyeshuri mu by'iyobokamana ukomoka mu gihugu cya Otirishiya, yacitse intege. Yari yatumiriwe kujya kuvuga ubutumwa muri Kenya, ariko abashyitsi bagera kuri mirongo itatu bonyine ni bo bazaga buri joro mu cyumweru cya mbere. Yari yiringiye ko azajya abona abantu benshi cyane. Yabuze amahwemo, yifungiranira mu cyumba cye maze asenga mu gihe cy'amasaha ane. Amaze asuka amaganya ye yose imbere y'Imana, yishyize mu maboko y'Imana ubugingo bwe bwose maze arategereza. Yari azi neza ko Imana yamwumvise, nubwo ubwoba no gushidikanya byarushijeho kwiyongera. Nyuma habaye iteraniryo rya nimugoroba: abantu 600 barahageze! Nyuma baza kugera kuri 700, hanyuma 1.000. Mu gusoza abantu 39 ku bw'ubuntu bw'Imana barabatijwe.

Igihe cyose dukoreye Imana tukagera ku kintu cy'agaciro kenshi, duhura n'ikibazo gikurikira: Mbese nkorerera Imana nkoresheje ubushobozi bwanjye? Cyangwa Imana ikorerera muri njye ikoresheje ubushobozi mvajuru?

Bibiliya ivuga kuri iri banga ry'ukuntu Imana ikomeye ikorerera mu bantu b'abanyantege nke. “Kuko turi abo yaremeye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugirango tuyigenderemo” (Abefeso 2:10). Uyu murongo werekeza ku bintu bibiri: icya mbere “imirimo” Imana “yaturemye ibinyujije muri Kristo Yesu.” Iki gikorwa ni ubuzima bushya Imana yaduhaye ibinyujije muri Kristo. Hanyuma Imana yakoze igikorwa cya kabiri muri twe:

"imirimo myiza" Ni ibyo Imana yaduteganiyije gukora. Ni buryo ki dukwiye kubaho kugira ngo Imana ibashe gukorera ibi bikorwa mu bugingo bwacu?

1. Beshwaho na Mwuka wera: “Kugeza aho bakiriye mwuka, ntibashoboye kumenya ibyo Imana yakoreye muri bo.” (*Ye Shall Receive Power*, p. 286).
2. Kubaho wariyeguriye Yesu byimazeyo: “Umuntu wese uzinyegurira Imana burundu azayoborwa n’ukuboko kwayo...Uko aha agaciro inyigisho z’ubwenge mvajuru, azahabwa inshingano yera” (Ibyakozwe n’Intumwa, P.175).

Mu kurangiza imirimo Imana yaduteguriye, dukurira mu kwizera, mu by’Umwuka ndetse tugakura no mu by’Ubwenge. Ndetse no mu bitagenze neza tuvanamo amasomo y’ingirakamaro, kuko twiga ko nta mbaraga za mwene muntu zishobora gutsinda Imana itabaye nyambere. “Kwigisha ijamba ry’Imana ntacyo byazageraho hatabayeho ubufasha bwa Mwuka wera.” (Uwifuzwa ibihe byose.P457)

### **Si kubw’amaboko, si kubw’imbaraga**

Nkuko ababwiriza bagomba guhabwa imbaraga n’Umwuka w’Imana, ni ko bimeze no ku banditsi b’ibitabo iby’by’Umwuka: “Niba agakiza gakomoka ku Mana ari ak’umwanditsi w’ibitabo, Uwo mwuka ni nawo uzayobora umusomyi . . . Ariko inyandiko yanditswe mu gihe umwanditsi atabayeho imibereho ihesha Imana icyubahiro, Uwo mwuka ntazamuhabwa, abamarayika babazwa n’icyo kintu kibura. Hanyuma barahindukira bakigendera ntibahatire umusomyi gusoma ibyo bitabo kubera ko Imana na Mwuka wera batabirimo. Amagambo arimo ni meza, ariko araburamo ubushyutse bwa Mwuka w’Imana (*EGW Letters and Manuscripts*, vol. 1, p. 532).

Iri hame ni ukuri mu bikorwa byose, byaba umurimo, kwigisha, kuyobora umushinga w’ivugabutumwa, guhugura umwana, cyangwa ikindi kintu cyose. “Imbaraga zituruka ku bantu ntabwo ari zo zituma umurimo ugera ku musaruro



mwiza, ahubwo imbaraga z'abanyabwenge bo mu ijuru bakorana n'abantu ni zo zituma umurimo utungana”(Umurimo wa gikristo p. 242).

Ndetse ubumuntu bwaYesu w'i Nazareti bwatumaga imibereho ye ya buri muni ishingira ku isano ye n'ijuru. Yabajije abigishwa ati: "Ntiwizeye yuko ndi muri Data, na Data akaba muri jye? Amagambo mbabwira sinyavuga ku bwanjye, ahubwo Data uguma muri jye niwe ukora imirimo ye.”(Yohana 14:10). Cyangwa reka turebe intumwa Pawulo. Ni buryo ki umuntu umwe yashoboye gukora umurimo ukomeye w'Ivugabutumwa utangaje mu buryo budasanze? Yaravuze ati: “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara sijye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye.”(Abagalatiya 2:20). Pawulo yaretse kujya akora ibyo yishakiye ahitamo kwemera Yesu ngo agenge imibereho ye. Pawulo abisobanura agira ati: “Sinzatinuka kugira icyo mvuga, keretse icyo nakoreshejwe na Kristo ngo abanyamahanga bumvire Imana.Yampaye amagambo, imirimo, imbaraga z'ibimenyetso bikomeye, ibitangaza n'imbaraga z'Umwuka wera.”(Abaroma 15:18, 19). Kristo niwe shingiro.

Imana ishaka gukora ibintu bitangaje ndetse no muri iki gihe. Imigambi yayo irenze ubushobozi kwacu, igera kure cyane. Gusa uretse amasengesho yacu ahoraho atuma dushyikirana n'Imana anatuma tubasha gusohoza umurimo yaduteguriye. Araturarika:”Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya” (Yeremiya 33: 3).

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Ubushobozi bw'abantu busohoza gusa ibyo abantu bageraho**

“Kandi Mose yigishwa ubwenge bwose bw'abanyegiputa, agira imbaraga mu magambo ye no mubyo akora.....Yibwiraga yuko bene wabo bamenya ko Imana ibakirisha ukuboko kwe,ariko ntibabimenya...Kandi ni nawe wabakuye muri

Egiputa, amaze gukorera ibitangaza n'ibimenyetso muri icyo gihugu. (Ibyakozwe 7:22, 25, 36).

Data mwiza, tuyobore ku kukwiyegurira nk'uko Mose yabigenje nyuma y'imyaka myinshi ari umwungeri. Tuzi neza ko ushobora gukora ibimenyetso n'ibitangaza binyuze muri twe igihe tubayeho imibereho igengwa n' umwuka wera. Dushoboze kwerekera aho utuyobora. Urakoze kuduha imbaraga mvajuru.

### **Twaremewe muri Kristo kugira ngo dukore imirimo myiza**

“Kuko turi abo yaremeye ituremeye imirimo myiza muri kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo” (Abefeso 2:10).

Nyagasani, tugire ibikoresho byo mu biganza byawe kugira ngo duheshe bagenzi bacu agakiza n'imigisha. Tuzi neza ko gusohozwa k'ubutumwa bwiza bushingira kuri iki kibazo: Mbese nkorera Imana bishingiye ku bushobozi bw'abantu, cyangwa Imana niyo ikorera mu bugingo bwanjye ikoresheje ubushobozi bwayo mvajuru? Twigishe ko tudashobora gukoresha imbaraga zacu tugukorera. Urakoze kudesezeranira ko uzajya ukorera muri tebwe .Data uhire umurimo w'intoke zacu.

### **Ibindi Byifuzo Byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n'ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirisha ishimwe cyangwa indirimbo.

### **Indilimbo zizifashishwa mu masengesho**

1. Nkweguriy' Ubugingo Bwanjye (#205)
2. Yesu Gusa (#124)
3. Aho njyanye na Yesu (#148)
4. Mb'Uwawe, Mwami (#212)
5. Ndusheho Gusa Nawe (#131)

## **GUSHAKA UBUBYUTSE**

### **UMUNSI WA 10 – GUSHAKIRA HAMWE UBUBYUTSE**

"Si kubw'amaboko kandi si kubw'imbaraga ahubwo ni kubw'umwuka wanjye" niko Uwiteka avuga. '(Zekariya 4: 6).

**Ni iki gikurikira? Intambwe eshatu utera igihe utangiye urugendo rw'iby'Umwuka**

Mbese urashaka kwakira ivugurura ry'iby'umwuka wowe n'umuryango w'itorero ubarizwamo? Dore gahunda imwe yatanze y'ivugurura mu by'Umwuka n'ibyiringiro ku matorero yo mu Budage, Ubusuwisi, Ubwongereza, Tajikisitani no muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Ububyutse bushobora kubera abantu bose, ndetse no mu bihugu byo ku isi bitazi Imana, igihe abantu bahora biyegurira Yesu kandi bagasaba umugisha utangwa na Mwuka wera.

Sabira uburyo itorero ubarizwamo, umuryango wawe cyangwa itsinda ry'amasengesho bishobora kurangwa n'iby'Umwuka."Tangira bushya" muri uyu mwaka. Kora gahunda.Gira ibitekerezo uvana ku bandi.shyiraho itariki yo gutangiriraho. Uzashaka kugira ibitekerezo bishingiye ku mucu wawe, umuryango wawe hamwe n'iby itsinda ubarizwamo rikeneye.

Tugiye gufatira hamwe urugero rw'itorero rimwe gusa muri Dekaturu, Alabama ho muri Leta zunze ubumwe za Amerika.

### **1. Gutangira bundi bushya**

Fata ibyumweru cyangwa amezi usengera cyane kwakira Umwuka Wera, kandi wiga Ibyanditswe byera kandi birashoboka ko waba ufite igitabo kigufasha mu masengesho.

Mu rwego rwo kwitegura amateraniro y'ivugabutumwa, abizera b'itorero rya Dekaturu batangiye kugira iteraniro ry'amasengesho ku rusengeru mu gihe cy'iminota mirongo itatu (30min) buri sabato mu gitondo. Bafatanyirije hamwe kubimenyesha bagenzi babo mu matangazo y'itorero kugira ngo bitabire ayo masengesho, ububuyutse n'umurimo wa Mwuka wera.Bakoze kandi amahugurwa bifashishije amafoto (Videwo) avuga kuri mwuka Wera mu gihe cy'amasabato abiri ku mugoroba. Nyuma y'amahugurwa, batanze igitabo gito kijyanye n'ububuyutse mu by'umwuka basaba abizera kugisoma mu gihe cy'ibyumweru bitandatu byakurikiye amahugurwa. Nyuma mu gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho, basabiraga kugira ububuyutse, kwakira Mwuka wera, no kwizihiza umunsi w'isabato basenga kandi bahimbaza Imana.

### **2. Kwita ku mibanire**

Gutangira amasengesho yo gusabira abantu batanu bataramenya ubutumwa bwiza, ubasure kandi ubagire inshuti mu buryo butaryarya kandi bushyikirana nabo. Muri

iki gihe ushobora gushaka ikindi gitabo kigufasha mu masengesho cyangwa ububuyutse. Ukwiriye kwita cyane ku gusengana n'abandi mu itsinda rya babiri babiri bwimbitse.

Muri iki cyiciro kugira ngo mushyigikirane kandi murusheho gusobanukirwa neza, abizera b'itorero rya Dekaturu batangiye kwiga igitabo mu gihe cy'iminsi mirongo ine: Amasengesho no Kwiye gurira Imana kugira ngo twitegure kugaruka kwa Yesu dusengera mu itsinda rya babiri babiri. Umusaruro waje kuvamo, umunezero wabo wo kumenyesha abandi ibya Yesu wariyongereye. Nk'uko byavuzwe mu gitabo, abizera nabo batangiye gusengera abantu batanu bataragerwaho n'ubutumwa mu mibereho yabo. Hanyuma bahuye n'abo bari baziranye cyangwa abahoze ari abizera mu itorero kandi bakomeza kubiyegereza. Ibi byatumye babatizwa n'imigisha iza gusesekara ku bizera bashya no ku babasengeraga.

Tekereza kuri ibi bikurikira: Niba abizera b'itorero icumi (10) buri wese asengera kandi agakomeza umubano n'abantu batanu, ubwo baba babaye abantu 50, kandi uhereye kuri abo bashobora gukomeza kugenda biyongera. Hanyuma ku iherezo **ry'iminsi mirongo ine** ugatumira abantu bose wasengeraga kugira ngo baze kuba abashyitsi mu isabato idasanzwe yateguwe. Hanyuma ukararikira buri wese kuboneka mu itsinda rito, (kwiga Bibiliya, kwiga guteka neza, imyitozo ngororamubiri, ibikorwa rusange, ikintu icyo aricyo cyose cyakorwa kugira ngo gifashe abantu). Ushobora kandi no kurarikira abantu kwitabira amateraniro y'ivugabutumwa. Wibuke kujya witabira amateraniro urarike n'inshuti zawe kugira ngo mujyane kandi ubafashe kumva bakiriwe mu iteraniro.

### **3. Gusangira kwiga ijamba ry'Imana**

Buri mwizera ashobora kurarika abantu basenganaga kugira ngo bitabire amateraniro y'ivugabutumwa, amatsinda mato mato yiga ibya Bibiliya cyangwa

umwe umwe akiga Bibiliya. (Niba bamwe mubo musengana badakunda kwitabira mu kwiga Bibiliya, bararikire noneho kuboneka mu matsinda mato wibanda cyane ku byo bishimiye nko gukora imyitozo ngororangingo, kwiga guteka neza, gukora ibintu bakunda cyangwa kubararika mu bikorwa rusange.)

Igihe itorerero rya Dekatur ryakoraga urukurikirane rw'ivugabutumwa, abayoboke bagize ububyutse n'umubano wimbitse na Yesu. Umwuka Wera yakoraga ku mitima y'abatumirwa, kandi abantu icumi(10) bahaye Yesu ubuzima bwabo kubatizwa (hamwe n'abandi batanu bifatanya nyuma). Bavuze ibisubizo n'ubuhamya bw'imbaraga z'amasengesho! (Inkuru ya Decatur yakuwe muri raporo yakozwe na Elida Meneses mu makuru yo mu majyepfo.)

### **Ni ibiki Itorero ryawe rishobora gukora?**

Gusengera hamwe no gutegura igenamigambi ry'itorero ubarizwamo muri iki gihe. “Ijuru ryose riri ku murimo, kandi abamarayika b'Imana biteguye gufatanya n'abantu bose bazategura gahunda yo kugeza ku bantu batarakira agakiza kabonerwa muri Krsto Yesu wapfuye ku bwabo, babagezaho ubutumwa bwiza bw'agakiza. Abamarayika bayobora abantu biteguye kuzaba abaragwa b'agakiza, barabwira umuntu wese ukiranuka by'ukuri w'ukuri bati: 'Hari umurimo ugomba gukora.’”Nimugende muhagarare, mubwire abantu amagambo yose y'ubu bugingo '(Ibyakozwe 5:20) (*Testimonies for the Church*, vol. 6, pp. 433, 434).

Imana yakwohereje kuburira isi yose maze iguha n'iri sezerano: “Ibyo uteganya ntibizagerwaho n'imbaraga z'ingabo cyangwa kubw' imbaraga z'abantu; ahubwo, Umwuka wanjye niwe uzabisohozwa. Jyewe, Uwitaka Imana Ishoborabyose, ndabisezeranye” (Zekariya 4: 6).

## **GUSENGA WIFASHISHIJE IJAMBO RY'IMANA**

### **Umwuka Wera azabisohoza**

“Ibyo uteganya ntibizagerwaho n'imbaraga z'ingabo cyangwa kubw' imbaraga z'abantu; ahubwo, Umwuka wanjye niwe uzabisohoza. (Zekariya 4: 6, byahinduwe bivuye mu kidage).

Data mwiza, Utubwiye ko intsinzi idaturuka ku bw'imbaraga z'abantu. Data tubabarire kuba tubura imbaraga z'Umwuka Wera. Tuvugurure kugira ngo tutaba akazuyazi nka Lawodokiya. Dukangure kugira ngo tubone agakiza kacu n'aka bagenzi bacu. Kandi Urakoze kubw' umunezero w'iteka ryose wadusezeraniye.

### **Ibindi byifuzo byo gusengera**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yihariye yaguhaye kandi uyihimbaze ku bwo kugiraneza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine kandi ushimire Imana ko ikubabariye

**Kuyoborwa:** Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite n'ubwo gufata ibyemezo.

**Itorero ryacu:** Saba Imana ngo ihe umugisha, itorero, intara, filidi, uniyo, Diviziyo, inteko nkuru rusange kandi abyongerere imbaraga.

**Ibyifuzo by'itorero ubarizwamo:** Sengera ibyifuzo by'abizera b'itorero, umuryango n'abaturanyi.

**Umva kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva icyo Imana igusubiza kandi uyisubirishye ishimwe cyangwa indirimbo.

**Indilimbo zizifashishwa mu masengesho**

1. Ngabo, Muhaguruke! (#172)
2. Nkunda Kwogez'amagambo (#77).
3. Ntumpiteho Mukiza we (#88)
4. Naguzw'Amaraso y'Intama (#68)
5. Dufit'Ibyiringiro (# 326)